AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI MUKURU W'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUTAKA / UMUBITSI MUKURU W'INYANDIKOMPAMO Z'UBUTAKA No. 002/DG/INSTR/2025 YO KUWA 13/10/2025 YEREKEYE ITEGURWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INOZAMITURIRE RYA SITE RIFITE UBUDAHANGARWA KU MIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE BIGIZWEMO URUHARE NA BA NYIR'UBUTAKA MU RWANDA	**INSTRUCTIONS OF THE DIRECTOR GENERAL OF NATIONAL LAND AUTHORITY / CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES No. 002/DG/INSTR/2025 OF 13/10/2025 ON PARTICIPATORY AND CLIMATE-RESILIENT LAND READJUSTMENT FOR THE ELABORATION AND IMPLEMENTATION OF DETAILED SITE PLANS IN RWANDA**	**INSTRUCTIONS DU DIRECTEUR GÉNÉRAL DE L'OFFICE NATIONAL DES TERRES / CONSERVATEUR EN CHEF DES TITRES FONCIERS No. 002/DG/INSTR/2025 DU 13/10/2025 PORTANT SUR LE RÉAJUSTEMENT FONCIER PARTICIPATIF ET RÉSILIENT AU CLIMAT DANS L'ÉLABORATION ET LA MISE EN ŒUVRE DU PLAN D'AMÉNAGEMENT PHYSIQUE DÉTAILLÉ D'UN SITE AU RWANDA**
UMUTWE WA 1: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER 1: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE 1: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije	**Article One: Scope of these instructions:**	**Article Premier: Champ d'application de ces instructions**
Ingingo ya 2: Ibyitabwaho mu gushyira mu bikorwa aya mabwiriza	**Article 2: Key considerations for implementing these instructions**	**Article 2: Considérations clées pour la mise en œuvre de ces instructions**
Ingingo ya 3: Abagenewe gukoresha aya mabwiriza	**Article 3: Target users of the instructions**	**Article 3: Utilisateurs visés par les instructions**
Ingingo ya 4: Isobanura	**Article 4: Interpretation**	**Article 4: Interprétation**
Ingingo ya 5: Amahame agenga inozamiturire rigizwemo uruhare naba nyir'ubutaka	**Article 5: Principles of participatory land readjustment**	**Article 5: Principes du réajustement foncier participative**

UMUTWE WA 2: IBIKORWA BIBANZIRIZA ITANGIZWA RY'INYIGO YIMBITSE Y'UMUSHINGA W'INOZAMITURIRE	**CHAPTER 2: PRELIMINARY ACTIVITIES FOR LAND READJUSTMENT PROJECT STUDY**	**CHAPITRE 2: ACTIVITÉS PRÉLIMINAIRES POUR L'ÉTUDE DU PROJET RÉAJUSTEMENT FONCIER**
Igice cya mbere: Itangiza ry'umushinga w'inozamiturire n'uruhare rw'abaturage	**Section One: Project initiation and community engagement**	**Section 1: Initiation du projet et engagement communautaire**
Ingingo ya 6: Gutangiza umushinga	**Article 6: Project initiation**	**Article 6: Initiation du projet**
Ingingo ya 7: Idosiye isaba gutangiza umushinga w'inozamiturire	**Article 7: Application file for initiation of a land readjustment project**	**Article 7: Dossier de demande d'initiation d'un projet de réajustement foncier.**
Ingingo ya 8: Ibyibandwaho mu isuzumwa ry'ubusabe	**Article 8: Criteria for assessment of the application file**	**Article 8: Critères d'évaluation du dossier de demande**
Ingingo ya 9: Kwemeza itangizwa ry'umushinga	**Article 9: Approval of the project initiation**	**Article 9: Approbation de l'initiation du projet**
Igice cya 2: Uruhare rw'abaturage n'imikorere	**Section 2: Community Engagement and Organization**	**Section 2: Engagement Communautaire et organisation**
Ingingo ya 10: Uruhare rwa ba nyir'ubutaka mu mushinga.	**Article 10: Involvement of landowners in the project**	**Article 10: Participation des propriétaires fonciers dans le pojet**
Ingingo ya 11: Ishyirwaho rya komite ya site	**Article 11: Establishment of the site committee**	**Article 11: Création du comité de site**
Ingingo ya 12: Abagize komite ya Site	**Article 12: Composition of the site committee**	**Article 12: Composition du comité de site**
Ingingo ya 13 : Ishyirwaho ry'akanama k'igenzura ry'imari ku rwego rwa site	**Article 13: Establishment of the Site-level Financial Audit Committee**	**Article 13 : Mise en place du Comité d'Audit Financier au niveau du site**

Igice cya 3: Gutegura umushinga w'inozamiturire	**Section 3: Land readjustment study elaboration**	**Section 3: Élaboration de l'étude du réajustement foncier**
Ingingo ya 14: Gutegura ibishingirwaho mu gutanga isoko	**Article 14: Elaboration of the terms of reference**	**Article 14: Élaboration de l'étude du réajustement foncier**
Ingingo ya 15: Guhitamo ikigo cy'abikorera kizakora inyigo	**Article 15: Selection of a consulting firm to conduct the study**	**Article 15: Sélection d'un cabinet des consultants pour mener l'étude**
Ingingo ya 16: Gukusanya amakuru y'ibanze	**Article 16: Collecting preliminary required information**	**Article 16: Collecte des informations préliminaires requises**
Ingingo ya 17: Igihe cyo kwiga umushinga	**Article 17: Duration of the project study**	**Article 17: Durée de l'étude de projet**
Ingingo ya 18: Gutegura raporo y'inyigo y'umushinga	**Article 18: Elaboration of the project study report**	**Article 18: Élaboration du rapport d'étude du projet.**
Ingingo ya 19: Kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihandagurikire y'ibihe	**Article 19: Environmental Protection and climate resilience**	**Article 19: Protection de l'environnement et résilience climatique**
Ingingo ya 20: Kwemeza inyigo y'umushinga	**Article 20: Validation of the project study**	**Article 20: Validation de l'étude de projet**

UMUTWE WA 3: UBURYO TEKINIKI BWO GUTUNGANYA INOZAMITURIRE RIGIZWEMO URUHARE NA BA NYIR'UBUTAKA	**CHAPTER 3: TECHNICAL PROCEDURES FOR PARTICIPATORY LAND READJUSTMENT**	**CHAPITRE 3: PROCÉDURES TECHNIQUES POUR LA RÉAJUSTEMENT FONCIER PARTICIPATIF**
Icyiciro cya mbere: Gukata ibibanza	**Section One: Replotting Plan**	**Section premiére: Plan de réaménagement des parcelles**
Ingingo ya 21: Gufata ibipimo bishya by'ubutaka	**Article 21: Resurvey of Parcels' boundaries resurvey**	**Article 21: Mesurage à nouveau des parcelles**
Ingingo ya 22: Guhuriza hamwe ubutaka	**Article 22: Land pooling**	**Article 22: Mise en commun des parcelles**
Ingingo ya 23: Kubahiriza amabwiriza y'imikoreshereze y'ubutaka	**Article 23: Compliance with the zoning plan**	**Article 23: Respect du plan de zonage.**
Ingingo ya 24: Kugabanya ikiguzi cy'ingurane	**Article 24: Minimization of compensation cost**	**Article 24: Minimisation des coûts de Compensation**
Ingingo ya 25: Ibyerekeye ibikorwa rusange n'iby'inyungu rusange	**Article 25: Provision of public facilities and utilities**	**Article 25: Prévision d'infrastructures et services publics**
Igice cya 2: Igabana ry'ubutaka	**Section 2: Land redistribution**	**Section 2: Redistribution des terres**
Ingingo ya 26: Uburyo bukoreshwa mu igabana ry'ubutaka	**Article 26: Approaches of land redistribution**	**Article 26: Approches de la redistribution des terres**
Ingingo ya 27: Kubara umusanzu w'ubutaka	**Article 27: Calculation of land contributions**	**Article 27: Calcul des contributions foncières**
Ingingo ya 28: Ubutaka bwo gushyirwaho ibikorwa remezo	**Article 28: Land reallocation for public facilities**	**Article 28: Réaffectation des terrains pour les infrastructures publiques**

Ingingo ya 29: Kugaragaza ibibanza byavuye muri site	**Article 29: Physical demarcation of output plots**	**Article 29: Démarcation physique des parcelles**
Ingingo ya 30: Kwandika ibibanza bishya	**Article 30: Registration of output plots**	**Article 30: Enregistrement des parcelles résultantes**
Ingingo ya 31: Inyandiko z'amakuru ya site	**Article 31: Site data sheets**	**Article 31: fiches de données du site**
Ingingo ya 32: Imicungire y'ibibanza bitujuje ibipimo fatizo	**Article 32: Substandard plots area management**	**Article 32: Gestion des parcelles de mesure inférieure à la norme**
Ingingo ya 33: Umusanzu w'ubutaka bugenewe ibikorwa rusange	**Article 33: Land contribution for infrastructures**	**Article 33: Contribution foncière pour les infrastructures**
Ingingo ya 34: Kugabana ikiguzi cy'ibizagenda ku mushinga w'inozamiturire	**Article 34: Cost sharing of land readjustment project-related expenses**	**Article 34: Partage des coûts des dépenses liées au projet de réajustement foncier**
Icyiciro cya 4: Imicungire y'uburenganzira Ku butaka no kubwandikisha	**Section 4: Land rights management and registration**	**Section 4: Gestion et enregistrement des droits fonciers**
Ingingo ya 35: Gukusanya ibyangombwa by'ubutaka	**Article 35: Collection of land documents**	**Article 35: Collecte des documents fonciers**
Ingingo ya 36: Guhuza ibibanza bya site	**Article 36: Merging of input land parcels**	**Article 36: Fusion des parcelles**
Ingingo ya 37: Kwandika ubutaka bwa site muri regisitiri y'ubutaka	**Article 37: Registration of output plots into land registry**	**Article 37: Inscription des parcelles du site au registre foncier**
Ingingo ya 38: Kwandikisha ubutaka bwagenewe ibikorwa remezo	**Article 38: Registration of land reallocated for public facilities**	**Article 38: Enregistrement des terrains affectés aux équipements publics**
Ingingo ya 39: Kwandikisha ubutaka butanditswe	**Article 39: Registration of unregistered land**	**Article 49: Enregistrement des terres non enregistrées**

Ingingo ya 40: Imicungire y'ubutaka bufite ibibangamira ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka	**Article 40: Management of land with restrictions**	**Article 40: Gestion des terrains avec restrictions**
Ingingo ya 41: Kwinjiza ubutaka bwanditse kuri Leta mu mushinga w'inozamiturire	**Article 41: Integration of government registered land parcels into a land readjustment project**	**Article 41: Intégration des parcelles de l'État dans un projet de réajustement foncier**
Ingingo ya 42: Gukemura ibibazo byerekeye nyir'ubutaka mu gihe adahari **UMUTWE WA 4: GUSHYIRA MU BIKORWA NO GUCUNGA UMUSHINGA W'INOZAMITURIRE**	**Article 42: Handling land ownership in absentee situations** **CHAPTER 4: LAND READJUSTMENT PROJECT IMPLEMENTATION AND MANAGEMENT**	**Article 42: Gestion de la propriété foncière en cas d'absence** **CHAPITRE 4: MISE EN ŒUVRE ET GESTION DU PROJET DE RÉAJUSTEMENT FONCIER**
Igice cya mbere: Ibyerekeye ibikorwa remezo n'ibikorwa rusange	**Section one: Provision of infrastructure and social facilities**	**Section 1: Fourniture d'infrastructures et D'équipements sociaux**
Ingingo ya 43: Kwita ku bikorwaremezo rusange	**Article 43: Prioritization of public infrastructure**	**Article 43: Priorisation des infrastructures publiques**
Ingingo ya 44: Gutera inkunga ibikorwa remezo by'ibanze	**Article 44: Co-financing of basic infrastructures**	**Article 44: Cofinancement des infrastructures de base**
Ingingo ya 45: Gutanga umusanzu w'amafaranga wo guteza imbere site bikozwe na ba nyir'ubutaka	**Article 45: Site development fee contribution by landowners**	**Article 45: Contribution des propriétaires fonciers aux frais d'aménagement du site**
Igice cya 2: Inkomoko y'imari yo gutera inkunga umushinga w'inozamiturire	**Section 2: Source of funding of land readjustment project**	**Section 2: Source de financement du projet de réajustement foncier**
Ingingo ya 46: Itangwa n'Isaranganya ry'Ubutaka n'icungwa ry'ubutaka buto buba bwasigaye	**Article 46: Land Contribution, Redistribution, and Management of Residual Land**	**Article 46: La contribution foncière, la redistribution et la gestion des terrains résiduels**

Article 47: Ingamba zo gukusanya amafaranga yakoreshejwe mu gutunganya site	**Article 47: Strategy for effective recovery of site development fee**	**Article 47: Stratégie de recouvrement effectif des frais d'aménagement du site**
Article 48: Uburyo bwo kwishyura raporo y'inyigo y'umushinga	**Article 48: Payment modalities for project study report**	**Article 48: Modalités de paiement du rapport d'étude du projet**
Article 49: Kugenzura ko amafaranga y'umushinga yishyuwe mbere yo gutanga impushya zo kubaka	**Article 49: Verification of the payment of the land readjustment project costs before issuing construction permits**	**Article 49: Vérification de l'éligibilité au permis de construction**
Ingingo ya 50: Kwishyura ikiguzi n'igihe cyateganijwe umushinga w'inozamiturire umara	**Article 50: Costs payment and timeframe for land readjustment projects**	**Article 50: Paiement des coûts et délais pour les projets de réajustement foncier**
Ingingo ya 51: Ishyirwaho ry'ikigega cya site	**Article 51: Establishment of site fund**	**Article 51: Création du fonds du site**
Ingingo ya 52: Abemerewe kubitsa no kubikuza amafaranga kuri konti ya site	**Article 52: Bank account signatories and withdrawal protocol**	**Article 52: Signataires du compte bancaire et protocole de retrait**
Ingingo ya 53: Imikorere y'akanama k'igenzura ry'imari ku rwego rwa site	**Article 53: Functionning of Financial Audit Committee at site level**	**Article 53: Fonctioonnement du comité d'audit financier au niveau du site**
Igice cya 3: Ishyirwaho n'imicungire y'ikigega cya site	**Section 3: Establishment and the management of the site fund**	**Section 3: Création et gestion du fonds du site.**
Ingingo ya 54: Itangwa ry'icyemezo cy'imikorere myiza	**Article 54: Issuance of certificate of good completion**	**Article 54: Délivrance du certificat de bon achèvement**
Ingingo ya 55: Kwemeza iyishyurwa ry'amafaranga atangwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga ya site	**Article 55: Validation requirements for payment authorization in land readjustment project cots**	**Article 55: Exigences de validation pour l'autorisation de paiement des coûts d'un projet de réajustement foncier**
Ingingo ya 56: Kubahiriza inyigo zemejwe	**Article 56: Compliance with approved**	**Article 56: Respect des rapports de**

	planning documents	**plannification approuvés**
Ingingo ya 57: Gutanga ibyangombwa by'ubutaka	**Article 57: Issuance of land ownership documents**	**Article 57: Délivrance des titres de propriété foncière**
Ingingo ya 58: Kubuza guhindura imiterere y'Ikibanza	**Article 58: Prohibition on altering field settings**	**Article 58: Interdiction de modifier les paramètres du terrain**
Igice cya 4: Imicungire y'umushinga	**Section 4: Project management**	**Section 4: Gestion du projet**
Ingingo ya 59: Uburyo bwo gukemura ibibazo	**Article 59: Disputes resolution process**	**Article 59: Processus de résolution des litiges**
Ingingo ya 60: Guha akazi umukozi ubizobereye wunganira komite ya site	**Article 60: Hiring of technical supporting staff**	**Article 60: Engagement du personnel d'appui technique**
Ingingo ya 61: Ishyirwaho rya komite ya site n'itsinda rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire	**Article 61: Establishment of site committee, and Physical planning technical team**	**Article 61: Mise en place du comité de site et L'équipe technique d'aménagement de site**
Ingingo ya 62: Inshingano za Komite ya site	**Article 62: Responsibilities of the site committee**	**Article 62: Responsabilités du comité de site**
Ingingo ya 63: Amafaranga asabwa kugira ngo site ikore neza	**Article 63: Operating costs of the site**	**Article 63: Frais pour le fonctionnement du site**
Icyiciro cya 5: Inshingano n'Imikorere bya komite ya site	**Section 5: Responsibilities and Functioning of the Site Committee**	**Section 5: Responsabilités et fonctionnement du comité du site**
Ingingo ya 64: Ifatwa ry'Ibyemezo n'inama	**Article 64: Decision-making and meetings**	**Article 64: Prise de décisions et réunions**
Ingingo ya 65: Uburyo bwo gusinya inyandiko	**Article 65: Modalities for signature of documents**	**Article 65: Modalités de signature des documents**
Ingingo ya 66: Ibishingirwaho ngo umuntu abe muri komite ya site	**Article 66: Eligibility Criteria to be a member of the site committee**	**Article 66: Critères d'éligibilité pour être un membre du comité de site**

Ingingo ya 67: Isimburwa ry'umwe mu bagize Komite ya site	**Article 67: Replacement of a member of site committee**	**Article 67: Remplacement des membres du comité de site**
Ingingo ya 68: Manda ya komite ya site n'ihererekanya bubasha	**Article 68: Mandate and transition procedures for the site committee**	**Article 68: Mandat et procédures de transition pour le comité de site**
Ingingo ya 69: Inshingano za sosiyete yatsindiye isoko	**Article 69: The role of the consulting firm**	**Article 69: The role of the consulting firm**
Ingingo ya 70: Uruhare rw'ubuyobozi bw'Akagari	**Article 70: Role of the cell administration**	**Article 70: Rôle de l'administration de la cellule**
Ingingo ya 71: Uruhare rw'umurenge	**Article 71: Role of the sector**	**Article 71: Role of the sector**
Icyiciro cya 6: Inshingano z'abandi Bafatanyabikorwa	**Section 6: Responsibilities of other stakeholders**	**Section 6: Responsabilités des autres parties prenantes**
Ingingo ya 72: Inshingano z'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere	**Article 72: Responsibilities of the City of Kigali or District**	**Article 72: Responsabilités de la Ville de Kigali ou du District**
Ingingo ya 73: Imirimo, inshingano n'akazi k'Itsinda ry'Abatekinisiye bashinzwe Igenamigambi n'Inozamiturire	**Article 73: Roles, responsibilities and functions of the physical planning technical team**	**Article 73: Rôles, responsabilités et fonctions de l'Équipe Technique d'Aménagement Physique du Site**
Ingingo ya 74: Uruhare rw'Ikigo Gishinzwe Ubutaka	**Article 74: Role of the National Land Authority**	**Article 74: Rôle de l'Autorité Nationale des Terres**
Ingingo ya 75: Inshingano z' Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiturire	**Article 75: Role of Rwanda Housing Authority**	**Article 75: Rôle l'Office Rwandais de l'Habitat**
Ingingo ya 76: Inshingano z'abandi Bafatanyabikorwa	**Article 76: Role of other stakeholders**	**Article 76: Rôle des autres parties prenantes**
Ingingo ya 77: Inshingano za ba nyir'ubutaka	**Article 77: Responsibilities of Landowners**	**Article 77: Responsabilités des propriétaires fonciers**

Ingingo ya 78: Guhagarika ibikorwa byo gutunganya imijyi	**Article 78: Suspension of Urban Development Operations**	**Article 78: Suspension des opérations d'aménagement urbain**
Ingingo ya 79: Ibibujijwe mu igabanya ry'ubutaka	**Article 79: Restrictions on land subdivision**	**Article 79: Restrictions relatives à la subdivision des terres**
Ingingo ya 80: Kurinda ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba	**Article 80: Protection of agriculture, Livestock, and Forest land**	**Article 80: Protection des terres agricoles, d'élevage et forestières**
Ingingo ya 81: Ibiciro by'umushinga wo gushyira mu bikorwa ibishushanyo byimbitse mboneza miturire	**Article 81: Costs of the project for implementation of Land readjustment project**	**Article 81: Coûts du projet de mis en œuvre d'un projet de réajustement foncier**
Ingingo ya 82: Kubazwa inshingano kw'abakozi bagira uruhare mu mishinga y'inozamiturire	**Article 82: Accountability of actors involved in land readjustment project**	**Article 82: Responsabilité des acteurs impliqués dans un projet de réajustement foncier**
Ingingo ya 83: Kubazwa inshingano kuri sosiyete zatsindiye isoko	**Article 83: Accountability of consulting firms**	**Article 83: Responsabilité des sociétés de consultance.**
UMUTWE WA 5: INGINGO ZINYURANYE	**CHAPTER 5: MISCELLANEOUS PROVISIONS**	**CHAPITRE 5: DISPOSITIONS DIVERSES**
Ingingo ya 84: Gukurikiza amategeko n'amabwiriza asanzwe	**Article 84: Reference to relevant laws and regulations**	**Article 84: Référence aux lois et réglementations pertinentes**
Ingingo ya 85: Amabwiriza asanzwe akurikizwa	**Article 85: Guidelines in force**	**Article 85: Directives en vigueur**

AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI MUKURU W'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUTAKA/ UMUBITSI MUKURU W'INYANDIKOMPAMO Z'UBUTAKA No. 002/DG/INSTR/2025 YO KUWA 24/09/2025 YEREKEYE ITEGURWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INOZAMITURIRE RYA SITE RIFITE UBUDAHANGARWA KU MIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE RIGIZWEMO URUHARE NA BA NYIR'UBUTAKA MU RWANDA	INSTRUCTIONS OF THE DIRECTOR GENERAL OF NATIONAL LAND AUTHORITY / CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES No. 002/DG/INSTR/2025 OF 24/09/2025 ON PARTICIPATORY AND CLIMATE-RESILIENT LAND READJUSTMENT FOR THE ELABORATION AND IMPLEMENTATION OF DETAILED SITE PLANS IN RWANDA	INSTRUCTIONS DU DIRECTEUR GÉNÉRAL DE L'OFFICE NATIONAL DES TERRES / CONSERVATEUR EN CHEF DES TITRES FONCIERS No. 002/DG/INSTR/2025 DU 24/09/2025 PORTANT SUR LE RÉAJUSTEMENT FONCIER PARTICIPATIF ET RÉSILIENT AU CLIMAT DANS L'ÉLABORATION ET LA MISE EN ŒUVRE DU PLAN D'AMÉNAGEMENT PHYSIQUE DÉTAILLÉ D'UN SITE AU RWANDA
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka;	**The Director General of Authority**;	**Le Directeur Général de l'Autorité**;
Ashingiye ku Itegeko N° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 54, iya 55 n'iya 57;	Pursuant to Law N° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in Articles 54, 55 and 57;	Vu la Loi N° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, notamment en ses articles 54, 55 et 57;
Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 038/01 ryo ku wa 20/05/2022 rishyiraho igishushanyombonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize by'ubutaka ku rwego rw'Igihugu;	Pursuant to the Presidential Order N° 038/01 of 20/05/2022, establishing the national land use and development master plan;	Vu l'Arrêté Présidentiel N° 038/01 du 20/05/2022 portant adoption du plan directeur national d'aménagement et de développement des terres;
Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 030/01 ryo ku wa 06/05/2022 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;	Pursuant to the Presidential Order N° 030/01 du 06/05/202 establishing National Land Authority of 06/05/2022, especially in article 8;	Vu l'Arrêté Présidentiel N° 030/01 du 06/05/2022 portant création de l'Office National des Terres, notamment en son article 8;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 022/03 ryo ku wa 12/08/2022 rigenga ababitsi b'inyandikompamo z'ubutaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;	Pursuant to the Prime Minister's Order N° 022/03 of 12/08/2022 governing registrars of land titles especially in Article 5;	Vu l'Arrêté du Premier Ministre N° 022/03 du 12/08/2022 régissant les conservateurs des titres fonciers, notamment en son article 5;
Ashingiye ku ngamba z'Igihugu zo gutunganya site z'imiturire yasohotse muri 2024;	Pursuant to the National Site and Service Strategy (NSSS) for Rwanda of 2024;	Vu la Stratégie Nationale des Sites et Services (SNSS) pour le Rwanda de 2024;
ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:	**ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**	**ÉMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :**
UMUTWE WA 1: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER 1: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE 1: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije	**Article One: Scope of these instructions:**	**Article Premier : Champ d'application de ces instructions**
Aya mabwiriza agenga itegurwa ry' ibishushanyo byimbitse by'inozamiturire bishyirwa mu bikorwa bigizwemo uruhare na ba nyir'ubutaka mu Rwanda.	These instructions regulate the development of detailed physical plans implemented via participatory land readjustment in Rwanda.	Ces instructions régissent le développement des plans physiques détaillés dans le cadre du réajustement foncier participatif au Rwanda.
Guha abarebwa n'iterambere ry'imiturire bose ibyabafasha gutegura igenamigambi ryuzuye hakurikijwe amahame asanzwe y'inozamiturire.	Equip key actors involved in human settlement development with relevant tools to prepare a comprehensive neighborhood development plan in accordance with standard land readjustment principles.	Doter les principaux acteurs du développement des établissements humains des outils nécessaires pour élaborer un plan de développement de quartier complet, conformément aux principes standard de réajustement foncier.
Guha abashinzwe iterambere ry'imiturire, mu gihe bashyira mu bikorwa imishinga y'inozamiturire, ibyabafasha kuzuza inshingano	Equip key actors involved in human settlement development with the necessary tools to implement adopted land readjustment projects,	Doter les principaux acteurs du développement des établissements humains des outils nécessaires pour mettre en œuvre les projets de réajustement foncier,

bafite zo kubahiriza ihame ryo kwishyira ukizana ndetse no kudaheza abaturage n'abafatanyabikorwa muri buri byiciro byose by'umushinga.	while ensuring that accountability mechanisms are integrated to promote participatory and democratic engagement of citizens and stakeholders at every stage of the project.	tout en intégrant des mécanismes de redevabilité afin de garantir la participation démocratique et inclusive des citoyens et des parties prenantes à chaque étape du projet.
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibyitabwaho mu gushyira mu bikorwa aya mabwiriza **Mu ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza hitabwa kuri ibi bikurikira:** (1) Gusuzuma ishingiro ry'ubusabe bwo gukora umushinga w'inozamiturire; (2) Gushyira mu bikorwa imishinga y'inozamiturire muri site zatoranyijwe bigizwemo uruhare na ba nyir'ubutaka bishyize hamwe; (3) Kongera ubumenyi mu gucunga ubutaka ku rwego rwa site; (4) Kumenya ibikenewe kugira ngo imiturire yo muri site itere imbere; (5) Guha umwihariko iby'ibanze mu inozamiturire ku rwego rwa site; (6) Gukoresha inozamiturire kugira ngo icyerekezo n'intego zo guteza imbere abaturage bigerweho; (7) Kugaragaza amahirwe yo gukora site zitunganyije neza kandi ziteye imbere bishingiye ku butaka bwashyizwe hamwe mu mushinga w'inozamiturire.	**<u>Article 2:</u> Key considerations for implementing these instructions:** **The implementation of these instructions, shall take into account the following:** (1) Assess the relevance of applying land readjustment within the framework of human settlement development. (2) Implement land readjustment projects for the development of selected neighborhood sites, ensuring the active participation of landowners. (3) Promote a better understanding of land management at the neighborhood level. (4) Identify neighborhood development needs. (5) Prioritize land readjustment needs at the neighborhood level. (6) Utilize land readjustment as a tool to achieve the vision and goals of urban communities. (7) Identify opportunities to create well-serviced and functional urban neighborhoods through land-based financing within the land readjustment process.	**<u>Article 2:</u> Considérations clés pour la mise en œuvre de ces instructions** **Lors de la mise en œuvre de ces instructions, les éléments suivants doivent être pris en compte:** (1) Évaluer la pertinence de l'application du réajustement foncier dans le cadre du développement des établissements humains. (2) Mettre en œuvre des projets de réajustement foncier pour le développement de sites de quartiers sélectionnés, en garantissant la participation active des propriétaires fonciers. (3) Promouvoir une meilleure compréhension de la gestion foncière au niveau des quartiers. (4) Identifier les besoins de développement des quartiers. (5) Hiérarchiser les besoins de réajustement foncier des quartiers. (6) Utiliser le réajustement foncier comme outil pour concrétiser la vision et les objectifs des communautés urbaines. (7) Identifier les opportunités de création de quartiers urbains fonctionnels et bien équipés en services grâce au financement basé sur le foncier dans le cadre du processus de réajustement foncier.

Ingingo ya 3: Abagenewe gukoresha aya mabwiriza	**Article 3: Target users of the instructions**	**Article 3: Utilisateurs visés par les instructions**
Aya mabwiriza azakoreshwa n'abantu bakurikira bagira uruhare mu iterambere ry'imijyi: (1) Abakozi b'inzobere bashinzwe igenamigambi ry'imikoreshereze n'imitunganyirize by'ubutaka, ndetse n'imicungire yabwo ku rwego rw'Akarere, Umujyi wa Kigali n'urw'Igihugu; (2) Inzego z'ibanze n'abayobozi bashinzwe iterambere ry'ubukungu; (3) Imiryango itegamiye kuri Leta ikora mu rwego rw'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka; (4) Abashakashatsi n'abigisha bakora mu bijyanye n'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka n'imijyi; (5) Minisiteri n'ibigo bya Leta birebwa n'iterambere ry'imijyi no guhuza ibikorwa by'imikoreshereje y'ubutaka; (6) Abanyamwuga bafite aho bahurira n'imitunganyirize y'imijyi n'ibyaro, abashinzwe gufata ibipimo by'ubutaka, ingaga zose zifite aho zihurira n'imitunganyirize y'ubutaka, ba rwiyemezamirimo mu nyubako n'abashoramari; (7) Amatsinda ya ba nyir'ubutaka ku rwego rwa site z'imiturire ndetse n'abaturage muri rusange.	These instructions shall be used by the following urban development actors: (1) Technical staff responsible for land use planning, development, and land administration at district, City of Kigali, and national levels. (2) Local authorities and officials in charge of economic development. (3) Civil society organizations active in the field of land development. (4) Academics working in the areas of land use, urban planning, and development. (5) Line ministries and public agencies responsible for urbanization and the coordination of land development. (6) Professionals engaged in urban and rural spatial planning, including licensed land surveyors, professional bodies, and regulatory organizations involved in land administration, as well as construction contractors and real estate investors. (7) Communities of landowners in urban neighborhoods, along with the general public.	Ces instructions sont destinées aux acteurs du développement urbain suivants: (1) Le personnel technique chargé de la planification, du développement, de l'utilisation et de l'administration des terres aux niveaux district, Ville de Kigali et national. (2) Les autorités locales et les responsables du développement économique. (3) Les organisations de la société civile actives dans le domaine de l'aménagement et de l'utilisation des terres. (4) Les universitaires spécialisés dans l'aménagement urbain et l'utilisation des terres. (5) Les ministères de tutelle et les agences publiques responsables de l'urbanisation et de la coordination de l'aménagement foncier. (6) Les professionnels impliqués dans l'aménagement urbain et rural: géomètres certifiés, associations professionnelles liées à la gestion foncière, entrepreneurs du bâtiment ainsi qu'investisseurs immobiliers. (7) Les communautés de propriétaires fonciers dans les quartiers urbains, ainsi que le grand public.

Ingingo ya 4: Isobanura	**Article 4: Interpretation**	**Article 4: Interprétation**
Muri aya mabwiriza:	In these instructions:	Dans les présentes instructions:
(1) **“Umusanzu w’amafaranga”** bivuga amafaranga yishyurwa na nyir’ubutaka, hashingiwe ku nyigo y’inozamiturire, aya mafaranga yemezwa na Komite ya Site, akaba agenewe gushyiraho ibikorwa remezo n’ibyanya rusange.	(1) **“Financial contribution”** refers to the amount each landowner is required to pay, as determined by the land readjustment study report and approved by the site committee, specifically to finance the implementation of basic infrastructure and the development of public spaces.	(1) **“Contribution financière”:** montant que chaque propriétaire foncier est tenu de verser, tel que déterminé par le rapport d’étude du réajustement foncier et approuvé par le comité de site, destiné spécifiquement au financement de la mise en œuvre des infrastructures de base et à l’aménagement des espaces publics.
(2) **“Ubutaka butangwa”** bivuga ubutaka nyirabwo ashyira mu mushinga w’inozamiturire.	(2) **“Input land/lot”** means a parcel of land owned by a person within the project site before the commencement of the land readjustment project.	(2) **“Terrain ou lot d’apport”:** parcelle de terrain appartenant à une personne dans le site du projet avant le démarrage du projet de réajustement foncier.
(3) **“Umusanzu w'ubutaka”** bivuga igice cy’ubutaka bugenwe kuzashyirwaho ibikorwa remezo buri muntu wese ufite ubutaka muri site atanga ku bushake nk’uko bwagenwe n’inyigo y’umushinga w’inozamiturire muri site.	(3) **“Land contribution”** refers to the percentage of land, as determined by the project study and based on the space required for basic infrastructure, public spaces, and compensation for affected properties, that each landowner must allocate from their plot within a land readjustment site.	(3) **“Contribution foncière”:** pourcentage de terrain, déterminé par l’étude du projet et fondé sur l’espace requis pour les infrastructures de base, les espaces publics et l’indemnisation des biens affectés, que chaque propriétaire doit céder à partir de sa parcelle dans un site de réajustement foncier.
(4) **“Nyir'ubutaka”** bivuga umuntu cyangwa abantu bafite uburenganzira bwemewe n’amategeko ku butaka runaka buri mu mushinga w’inozamiturire muri site.	(4) **“Landowner”** means a person who individually or collectively holds legal rights over any piece of land within the land readjustment project site.	(4) **“Propriétaire foncier”:** toute personne détenant individuellement ou collectivement des droits légaux sur une parcelle de terrain située dans le site du projet de réajustement foncier.
(5) **“Inozamiturire”** bivuga uburyo ba nyir’ubutaka batunganya ubutaka bwabo kugira ngo buturweho batanze ku bushake	(5) **“Land readjustment”** means a planning approach and technique aimed at promoting optimal land use through a	(5) **“Réajustement foncier”:** approche et technique de planification visant à promouvoir une utilisation optimale des terres

igice cy'ubutaka bwabo ku buryo bungana kugira ngo haboneke ubutaka buzajyaho ibikorwa remezo bigizwemo uruhare rusesuye na ba nyir'ubutaka ariko na Leta cyangwa abandi baterankunga nabo bashobora kubatera inkunga y'ibikorwa remezo.	participatory and inclusive **planning** process, whereby landowners within a designated site voluntarily consolidate their contiguous parcels to enable the provision of infrastructure and public spaces, with possible technical and/or financial support from government authorities and stakeholders.	à travers un processus participatif et inclusif, par lequel les propriétaires fonciers d'un site donné regroupent volontairement leurs parcelles contiguës afin de permettre la viabilisation en infrastructures et la création d'espaces publics de quartier, avec éventuellement un appui technique et/ou financier des autorités publiques et des parties prenantes.
(6) **"Igishushanyo cyimbitse cy'inozamiturire"** bivuga guhuza no kugabanya ubutaka mo ibibanza byinshi ndetse hagateganywa n'ibikorwa remezo byibanze cyane cyane imihanda utitaye ku ngano y'ubwo butaka.	(6) **"Detailed physical plan or land subdivision plan"** means a plan that assembles and subdivides land into multiple plots, while also proposing infrastructure and other common facilities, primarily streets, regardless of the size of the land.	(6) **"Plan physique détaillé ou plan de lotissement":** plan qui consiste à regrouper et subdiviser un terrain en plusieurs parcelles, tout en prévoyant des infrastructures et autres équipements communs — principalement des voies — indépendamment de la superficie totale du terrain.
(7) **"Kugabanya ubutaka"** bivuga uburyo bwo kugabanya ubutaka mo ibibanza bibiri cyangwa byinshi.	(7) **"Land subdivision"** means the process of dividing a parcel of land into two or more separate plots.	(7) **"Lotissement":** processus consistant à diviser une parcelle de terrain en deux ou plusieurs parcelles distinctes.
(8) **"Agaciro k'ubutaka k'inyongera"** bivuga uburyo agaciro k'ubutaka nyuma yo gutunganya site kazaba kariyongereye ku buryo byatuma ibyatanzwe ku mushinga bigaruzwa, bigakomeza gukoreshwa mu mishinga y'inozamiturire.	(8) **"Land value capture"** refers to an approach that enables land readjustment project proprietors to recover and reinvest increases in land value in order to ensure project self-financing and implementation.	(8) **"Captation de la valeur foncière":** approche permettant aux promoteurs d'un projet de réajustement foncier de récupérer et de réinvestir les plus-values foncières afin d'assurer l'autofinancement et la mise en œuvre du projet.
(9) **"Ibibanza byavuye mu mushinga"** bivuga ibibanza byakaswe muri site bisubizwa ba nyir'ubutaka nyuma y'ishyirwamubikorwa by'umushinga.	(9) **"Output plots"** means the plots of land reallocated to landowners after the implementation of a land readjustment project in a particular site.	(9) **"Parcelles après réajustement"**: parcelles réattribuées aux propriétaires fonciers après la mise en œuvre d'un projet de réajustement foncier sur un site donné.

(10) **“Ibikorwa remezo rusange”** bivuga ibikorwa remezo by’ibanze biteza imbere imibereho myiza y’abaturage bishobora gushyirwaho na Leta, inzego za Leta cyangwa abafatanyabikorwa.	(10) **“Public facility”** means infrastructure or amenities designed to enhance quality of life and support community well-being, provided by the government, public entities, or other stakeholders for the benefit of the community.	(10) **“Installation public”**: infrastructure ou aménagement destiné à améliorer la qualité de vie et à soutenir le bien-être de la communauté, fourni par le gouvernement, les entités publiques ou d’autres parties prenantes au bénéfice de la collectivité.
(11) **“Nimero y’ubutaka bwakaswe”** bivuga inomero iranga ibibanza bishya nyuma yo kugaragaza ibibanza bishya kugira ngo bibashe kwandikwa muri regisitiri y’ubutaka.	(11) **“Reallocation plot code”** means the code assigned to a new standard output plot designated for reallocation to a landowner under a land readjustment project.	(11) **“Code de réaffectation de parcelle”**: numéro attribué à une nouvelle parcelle standard du site, destinée à être réallouée au propriétaire foncier dans le cadre d’un projet de réajustement foncier.
(12) **“Igishushanyo kigaragaza imiterere mishya y’ibibanza”** bivuga igishushanyombonera kigaragaza ibibanza byakaswe neza bihita bihabwa ba nyir’ubutaka.	(12) **“Replotting plan”** means the new plan of reassembled contiguous output plots, prepared for redistribution to the original landowners following the implementation of a land readjustment project.	(12) **“Plan de réaffectation”**: nouveau plan des parcelles contiguës réassemblées, préparées pour être redistribuées aux propriétaires fonciers initiaux après la mise en œuvre du projet de réajustement foncier.
(13) **“Komite ya site”** bivuga akanama kagizwe gusa na bamwe mu batunze ubutaka, bashyirwaho cyangwa batorwa muri ba nyir’ubutaka kugira ngo bashyire mu bikorwa umushinga w’inozamiturire mu izina ryabo muri site runaka.	(13) **“Site committee”** means a committee composed strictly of landowners, appointed or elected from among themselves, to oversee and monitor the implementation of the land readjustment project on behalf of all landowners within the concerned site.	(13) **“Comité de site”**: comité composé exclusivement de propriétaires fonciers, désignés ou élus parmi eux, chargé de suivre et de superviser la mise en œuvre du projet de réajustement foncier au nom de l’ensemble des propriétaires concernés.
(14) **“Ubutaka bwa site”** bivuga ubutaka bwa site bugenewe ibikorwa rusange.	(14) **“Site land”** means output land within the site allocated for public facilities.	(14) **“Terrain du site”**: portion de terrain du site réservée aux équipements publics.
(15) **“Ikibanza cyujuje ibipimo fatizo”** bivuga igipimo cy’ikibanza gishya nyir’ubutaka asigarana hashingiwe ku ngano y’ikibanza igishushanyombonera cy’imikoreshereze	(15) **“Standard plot size”** means the new output plot size a landowner retains after land contribution, in accordance with master plan zoning and lot size regulations.	(15) **“Parcelle standard”**: nouvelle superficie qu’un propriétaire conserve après sa contribution foncière, conformément aux normes de taille des parcelles prévues par le

y'ubutaka cyageneye aho hantu.		plan directeur d'aménagement et de zonage.
(16) **"Ikibanza kitujuje ibipimo fatizo"** bivuga igipimo cy'ubutaka nyir'ubutaka asigarana nyuma yo gutanga ubutaka kikaba kitujuje igipimo fatizo giteganywa n'amategeko agenga imyubakire n'amabwiriza agenga imikoreshereze y'ubutaka.	(16) **"Substandard plot area"** means the new output plot size a landowner retains after land contribution that does not meet the minimum required plot size as regulated by the urban planning code and master plan zoning guidelines.	(16) **"Parcelle sous-standard"**: nouvelle superficie qu'un propriétaire conserve après sa contribution foncière, mais qui ne répond pas à la superficie minimale requise selon le code de l'urbanisme et les directives du plan directeur de zonage.
(17) **"Umujyi wa Kigali"** bivuga Akarere ka Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge.	(17) **"The City of Kigali"** refers to the districts of Kicukiro, Gasabo, and Nyarugenge.	(17) **"Ville de Kigali"**: désigne les districts de Kicukiro, Gasabo et Nyarugenge.
(18) **"Akarere"** bivuga Akarere gafite ubuzima gatozi.	(18) **"District"** refers to a district with legal personality.	(18) **"District"**: collectivité territoriale dotée de la personnalité juridique.
(19) **''Ikigo"** bivuga Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka.	(19) **"Authority"** means the National Land Authority.	(19) **"Autorité"**: désigne l'Office National des Terres
(20) "**Itsinda rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire"** bivuga itsinda ry'abakozi bafite ubumenyi butandukanye, rishyirwaho n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere, bashinzwe guteza imbere, gusuzuma, gushyira mu bikorwa no kugenzura imishinga y'inozamiturire hagamijwe gukoresha no gucunga ubutaka n'ibindi bikorwa mu buryo burambye. Iki gikorwa gikorwa n'itsinda ry'abakozi batandukanye kugira ngo harebwe ko inozamiturire rikurikiza amategeko ariho, kubungabunga ibidukikije, ibikenewe mu	(20) **"Physical Planning Technical Team"** means a multidisciplinary group of staff appointed by the City of Kigali or a District, responsible for developing, reviewing, implementing, and monitoring physical planning projects to guide the sustainable use and management of land and resources. This team collaborates to ensure that planning processes align with regulatory frameworks, environmental considerations, and the socio-economic needs of the community or region concerned.	(20) **"Équipe technique de planification physique"**: groupe pluridisciplinaire de personnel désigné par la Ville de Kigali ou par un district, chargé d'élaborer, de réviser, de mettre en œuvre et de suivre les projets de planification physique, afin de guider l'utilisation et la gestion durables des terres et des ressources. Cette équipe veille à la conformité des processus de planification avec les cadres réglementaires, les considérations environnementales et les besoins socio-économiques de la communauté ou de la région concernée.

bukungu n'imibereho myiza y'abaturage cyangwa site igiye gukorerwaho umushimga.		
(21) **“Akanama k'igenzura ry'imari ku rwego rwa site”** ni itsinda rigizwe n'abantu batatu batorwa muri banyir’ubutaka, bashinzwe gukora isuzuma ryimbitse no kugenzura ibikorwa by'imari, inyandiko n'imikorere muri site. Intego y’aka kanama ni ukugenzura ko habaho gukurikiza amategeko, ukuri, n'ubunyangamugayo, hakurikijwe amategeko agenga site n’andi mategeko.	(21) **“Site Financial Audit Committee”** means a group of three members elected from among landowners, tasked with reviewing and evaluating financial transactions, records, and processes at a specific site, to ensure compliance, accuracy, and integrity in accordance with site by-laws, legal standards, and regulatory requirements.	(21) **“Comité d’audit financier du site”**: groupe de trois membres élus parmi les propriétaires fonciers, chargé d’examiner et d’évaluer les transactions, registres et procédures financières d’un site donné, afin de garantir la conformité, l’exactitude et l’intégrité, conformément aux règlements du site, aux normes juridiques et aux exigences réglementaires.
(22) **“Umukozi ushinzwe gutanga impushya zo kubaka”** ni umukozi wa leta ushinzwe gusuzuma, kwemeza no gutanga ibyangombwa bijyanye n'imishinga y'ubwubatsi.	(22) **“Construction permitting officer”** means a staff member of the City of Kigali or a District responsible for reviewing, approving, and issuing permits for construction projects.	(22) **“ Agent chargé des permis de construire ”**: agent de la Ville de Kigali ou d’un district, responsable de l’examen, de l’approbation et de la délivrance des permis relatifs aux projets de construction.
<u>Ingingo ya 5</u>: Amahame agenga inozamiturire rigizwemo uruhare naba nyir’ubutaka	**<u>Article 5</u>: Principles of participatory land readjustment**	**<u>Article 5</u>: Principes du réajustement foncier participatif**
Igikorwa cy’inozamiturire kigomba kugendera ku mahame shingiro ane : kutimura ku ngufu, kwiyongera kw’agaciro, kubungabunga uburenganzira ku butaka no kugurana; hagamijwe uruhare rwa buri wese, ubutabera n’iterambere rirambye.	Land readjustment shall be governed by four core principles: No expropriation, guarantee of value, Preservation and Exchange; with the objective of ensuring an inclusive, equitable and sustainable outcome.	Le réajustement foncier sera régi par quatre principes fondamentaux : pas d’expropriation, garantie de la valeur, préservation et échange; ayant pour objectif d’assurer un résultat inclusif, équitable et durable.

Ishyirwa mu bikorwa rishingiye ku mahame amaze kuvugwa ryita kuri ibi bikurikira:	The implementation based on the principles mentioned above takes into account the following:	La mise en œuvre fondée sur les principes énoncés ci-dessus tient compte des éléments suivants:
(1) Buri muturage akwiye kugira uruhare mu iterambere ry'aho atuye;	(1) Each resident should actively contribute to the development of the neighborhood.	(1) Chaque résident doit contribuer activement au développement du site.
(2) Igenamigambi, igishushanyo n'imicungire by'ibikorwa bigomba guteza imbere umuco wo kwishakamo ibisubizo, gukorera hamwe no kubungabunga ibidukikije;	(2) Planning, design, and management should foster a sense of belonging, strengthen social inclusion, and generate environmental benefits.	(2) La planification, la conception et la gestion doivent favoriser un sentiment d'appartenance, renforcer l'inclusion sociale et générer des bénéfices environnementaux.
Ba nyir'ubutaka bashyira umukono ku masezerano y'igabana agakorerwa imbere ya noteri agaragaza nimero y'ikibanza cya buri muntu. Abatabonye ubutaka nyuma yo gutunganya site bashyira umukono ku masezerano agakorerwa imbere ya noteri bemera ko bahawe cyangwa bazahabwa ingurane.	Land owners sign a notarized agreement of parcel sharing showing allocated unique parcel identifier of each. Land owners who did not get a plot in the site after parcel sharing shall sign a notarized agreement confirming that they received or they will receive compensation.	Les propriétaires fonciers signent un accord notarié de partage des parcelles, indiquant l'identification unique attribuée à chacune. Les propriétaires fonciers qui n'ont pas obtenu de parcelles sur le site après le partage des parcelles doivent signer un accord notarié confirmant qu'ils ont reçu ou qu'ils recevront une compensation.
<u>Ingingo ya 27:</u> Kubara umusanzu w'ubutaka Umusanzu w'ubutaka ubarwa hashingiwe ku ngano yabwo cyangwa agaciro kabwo byagaragajwe na raporo y'ibipimo by'ubutaka ivuguruye. Umusanzu w'ubutaka ushingiye ku ngano yabwo ntugomba kurenga 30% by'ubutaka bwinjiye. Umusanzu w'ubutaka ushobora no kubarwa hashingiwe ku gaciro k'ubutaka bushyirwa mu mushinga ugereranije n'ibiteganwa n'imikoreshereze y'ubutaka bw'aho hantu	**<u>Article 27:</u> Calculation of land contributions** The calculation of land contribution shall be based on the actual plot size or its value, as determined by the resurvey report. When calculated on the basis of relative size, the land contribution shall not exceed thirty percent (30%) of the entry area. Land contribution may also be calculated on the basis of the value of the land included in the project, taking into account the planned land use	**<u>Article 27:</u> Calcul des contributions foncières.** Le calcul de la contribution foncière est fondé sur la superficie réelle de la parcelle ou sur sa valeur, telle qu'établie par le rapport du nouveau mesurage. La contribution foncière calculée sur la base de la taille relative ne doit pas excéder trente pour cent (30 %) de la surface d'entrée. La contribution foncière peut également être déterminée en fonction de la valeur du terrain intégré dans le projet, compte tenu de

cyangwa agaciro k'ibikorwa remezo rusange bizashyirwamo.	or the value of the public infrastructure to be established within the site.	l'utilisation prévue du sol ou de la valeur des infrastructures publiques à mettre en place sur le site.
Mu rwego rwo kwirinda ubusumbane, usigaranye ubutaka bufite ibipimo bitujuje ubuso bwo kubakaho yongererwa ubutaka amaze kwishyura ikiguzi. Igihe bidashobotse Komite ya site imwishyura amafaranga ahwanye n'agaciro k'ubutaka n'ibyabukoreweho.	For equity purposes, any landowner whose reallocated plot falls below the minimum standard defined by the zoning regulations shall be required to pay for the additional land necessary to obtain a standard plot. Should the landowner decline to do so, the site committee shall provide monetary compensation equivalent to the value of the reallocated land and any existing developments.	Pour des raisons d'équité, tout propriétaire foncier dont la parcelle réattribuée est inférieure à la norme minimale définie par la réglementation de zonage doit acquérir une superficie supplémentaire afin d'obtenir une parcelle standard. S'il ne souhaite pas le faire, le comité de site lui verse une compensation monétaire équivalente à la valeur de la parcelle réattribuée et des aménagements existants.
<u>Ingingo ya 28:</u> Ubutaka bwo gushyirwaho ibikorwa remezo	**<u>Article 28:</u> Land reallocation for public facilities**	**<u>Article 28:</u> Réaffectation des terrains pour les infrastructures publiques**
Ubutaka bwari busanzweho ibikorwa rusange muri site ntibubarwa nk'ubutaka bwinjijwe mu mushinga.	The land occupied by existing public facilities within the site shall be deducted from the input land for the project.	Les terrains occupés par des infrastructures publiques existantes sur le site doivent être déduits des terrains d'apport au projet.
Iyo hamaze gukurwaho ubutaka bugenewe ibikorwa rusange, ubutaka busigaye bugabanywamwo ibibanza byo kubaka, hashingiwe ku gishyushanyo cy'ibibanza bishya bigahabwa abahoze bahafite ubutaka.	After setting aside the portions of land required for public facilities, the remaining output land shall be subdivided into building plots in accordance with the approved replotting plan, and reallocated to the original landowners.	Après avoir réservé les portions de terrain nécessaires aux infrastructures publiques, le reste des terrains de sortie est subdivisé en parcelles à bâtir, conformément au plan de réajustement approuvé, et réattribué aux propriétaires fonciers d'origine.
Ubutaka bwagenewe ibikorwa rusange bwandikwa muri regisitiri y'ubutaka kuri Leta hagashyirwaho icyitonderwa muri regisitiri y'ubutaka cy'uko bwaturutse kuri site.	Output land allocated for public facilities shall be registered in the name of the government, with an annotation of the site name in the land registry.	Les terrains attribués aux infrastructures publiques sont enregistrés au nom de l'État, avec une annotation du nom du site dans le registre foncier.

Ingingo ya 29: Kugaragaza ibibanza byavuye muri site	**Article 29: Physical demarcation of output plots**	**Article 29: Démarcation physique des parcelles**
Sosiyete na komite ya site batera imbago ku butaka bwa site bakanereka ba nyirabwo aho zihereye.	The consultant and the site committee shall beacon the reallocated plots and present their physical location to the respective landowners.	Le consultant et le comité de site doivent borner les parcelles réattribuées et en présenter l'emplacement physique aux propriétaires fonciers concernés.
Kwandikisha ubutaka bwongeye gutangwa bikurikiza isano iri hagati y'inimero yihariye iranga ikibanza iri muri regisitiri y'ubutaka hamwe na kode y'ikibanza ku mpapuro z'amakuru ya nyir'ubwite.	The registration of reallocated land shall be carried out by linking the initial Unique Parcel Identifier (UPI) in the land registry with the plot code indicated on the individual landowner data sheets.	L'enregistrement des parcelles réattribuées s'effectue par le lien entre l'UPI initial figurant au registre foncier et le code de parcelle indiqué sur les fiches individuelles des propriétaires fonciers.
Ba nyir'ubutaka bose bandikishije uburenganzira ku butaka bari basanganywe bagira uburenganzira ku bibanza byavuyemo kandi bagasinya ku nyandiko ibyemera. Nta mpinduka iba kuri ba nyir'ubutaka.	All initial landowners holding registered land rights on the same original parcel shall proportionally retain rights over the corresponding output land and shall sign to confirm acceptance of the net output land. No change shall occur in landownership.	Tous les propriétaires fonciers initiaux détenant un droit foncier enregistré sur une même parcelle d'origine conservent proportionnellement leurs droits sur les parcelles de sortie correspondantes et signent pour acceptation des parcelles nettes réattribuées. Aucun changement n'intervient dans la tenure foncière.
Mu gihe cyo kugabana ubutaka, ikibanza gitangwa kiba cyiri aho icya mbere cyari gisanzwe cyangwa cyegereye aho icya mbere cyari gisanzwe, cyangwa ahantu hamwe kandi gifite umwimerere umwe.	During land reallocation, a plot may be reallocated as the initial plot, as close as possible to the original location, or in a comparable location with similar characteristics.	Lors de la réattribution, une parcelle peut être réattribuée sur son emplacement initial, aussi près que possible de sa position d'origine, ou dans un emplacement similaire présentant des caractéristiques comparables.
Kugenera ikibanza gishya ba nyir'ubutaka barenze umwe bigomba kugabanywa; keretse niba ntayindi nzira ishobora gukoreshwa kandi bagomba kuba babyemeranyaho.	The allocation of a standard plot to more than one landowner shall be minimized, unless no alternative option is available.	L'attribution d'une parcelle standard à plusieurs propriétaires doit être réduite au minimum, sauf lorsqu'aucune autre option n'est envisageable.

Nyuma yo gushyiraho imbago, inyubako zagizweho ingaruka zikorerwa igenagaciro zikishyurwa n'umushinga.	As the reallocated plots are beaconed, any affected buildings shall be evaluated by a certified valuer and compensated by the project.	Au fur et à mesure du bornage des parcelles réattribuées, les bâtiments affectés sont évalués par un expert agréé et indemnisés par le projet.
<u>Ingingo ya 30:</u> Kwandika ibibanza bishya	**<u>Article 30:</u> Registration of output plots**	**<u>Article 30:</u> Enregistrement des parcelles résultantes**
Ibibanza byose byavuye mu gutunganya site bihabwa inomero z'agateganyo ku ikarita yerekana imiterere y'ibibanza. Ibibanza bishya bishyirwaho imbago mbere yo guhabwa inomero nshya.	Output plots shall be assigned temporary plot codes on the replotting plan map, and all new output plots shall be clearly beaconed before being issued an official Unique Parcel Identifier (UPI) in the land registry.	Les nouvelles parcelles recevront des codes temporaires lors de leur inscription sur la carte du plan de réajustement. Toutes les nouvelles parcelles devront être clairement bornées avant de se voir attribuer une Identification Unique de Parcelle (UPI) officielle dans le registre foncier.
Nyuma yo guca imihanda, gutera imbago z'ibibanza, guca inzira z'amazi, kwerekana ubutaka bwagenewe ibikorwa remezo no kwerekana uko ibibanza bishya byatanzwe, igishushanyo cy'inozamiturire kirakosorwa kugira ngo kigaragaze imiterere nyayo ya site.	Following the terracing of access roads, beaconing, establishment of water channels, allocation of other essential infrastructure, and the reallocation of output plots, the site plan shall be updated to reflect the as-built conditions on the ground.	Après le traçage des routes d'accès, le bornage, l'aménagement des canaux d'évacuation des eaux, l'affectation des autres infrastructures essentielles et la réattribution des nouvelles parcelles, le plan du site sera mis à jour en conséquence afin de refléter les conditions réelles sur le terrain.
Ibibanza bishya byavuye mu itunganywa rya site byandikwa muri regisitiri y'ubutaka kugira ngo bihabwe ibyangombwa bishya ari uko imihanda yose yo muri site yamaze gukatwa, kandi hamaze no kugaragazwa ahazajya ibindi bikorwa remezo.	Output plots resulting from the land readjustment process shall be eligible for registration in the national land registry, and for the issuance of new land titles, only upon completion of access roads and other essential on-site infrastructure.	Les nouvelles parcelles résultant du processus de réajustement foncier ne seront éligibles à l'enregistrement dans le registre foncier national, et à la délivrance de nouveaux titres fonciers, qu'après l'achèvement des routes d'accès et des autres infrastructures essentielles du site.
<u>Ingingo ya 31:</u> Inyandiko z'amakuru ya site	**<u>Article 31:</u> Site data sheets**	**<u>Article 31:</u> fiches de données du site**
Itsinda rishinzwe ibishushanyo byimbitse rikoresha inyandiko zitandukanye zikurikira kugira ngo rikusanye amakuru akenerwa:	The land readjustment project study shall use the following standardized data sheets to collect all required information:	L'étude du projet de réajustement foncier utilise les fiches normalisées suivantes pour collecter toutes les informations nécessaires:

Urupapuro rw'Amakuru rwa mbere: Uruhare ku butaka	**First Data Sheet – Land Contribution Form**	**Première fiche – Formulaire de contribution foncière**
Ifishi yuzuzwa ku bemeye ko site itunganywa kandi ko hari ubuso bw'ubutaka batanze buzaharirwa ibikorwa remezo batazabaza ingurane yabwo:	Completed for landowners who consent to the site development and acknowledge that a portion of their land will be allocated for infrastructure purposes without compensation.	Complétée par les propriétaires fonciers qui consentent au développement du site et reconnaissent qu'une partie de leur terrain sera allouée aux infrastructures, sans compensation.
Igizwe: Amazina ya ba Nyir'ubutaka, Indangamuntu, UPI y'ibanze, Ubuso bwapimwe, Ijanisha ry'ubutaka bwatanzwe, Ubuso bw'ubutaka bwatanzwe, Ubutaka asigarana; nimero ya telefone, Umukono wa ba nyir'ubutaka, n'imikono y'abayobozi bireba.	Content: Landowner's name, ID, UPI, total land area, input land (as per resurvey report), generic percentage of contributed land, contributed land area, calculated return land (output land), telephone number, landowner's signature, and signatures of relevant authorities.	Contenu: Nom du propriétaire foncier, numéro d'identification, UPI, superficie totale du terrain, superficie d'entrée (selon le rapport de nouveau mesurage), pourcentage générique de contribution, superficie de terrain contribué, superficie calculée de retour (terrain de sortie), numéro de téléphone, signature du propriétaire foncier et signatures des autorités compétentes.
Urupapuro rw'Amakuru rwa kabiri: Kwemera ibibanza bishya	**Second Data Sheet – Land Reallocation Acceptance Form**	**Deuxième fiche – Formulaire d'acceptation de la réattribution foncière**
Ifishi yuzuzwaho usanzwe afite ubutaka muri site, akaba yemeye ibibanza bishya yagenewe n' inyigo y'igishushanyombonera cya site yatunganyijwe:	Completed for landowners who originally owned land within the site and accept the new plots allocated to them according to the site's detailed physical plan.	Complétée par les propriétaires fonciers initiaux qui possédaient un terrain dans le site et acceptent les nouvelles parcelles qui leur sont attribuées conformément au plan physique détaillé du site.
Igizwe: Amazina ya ba Nyir'ubutaka, Indangamuntu, UPI y'ibanze, Umubare w' ibibanza bishya, Kode z'ibibanza yahawe ku ikarita y'ibibanza bishya, Umukono wa ba nyir'ubutaka, n'imikono y'abayobozi bireba.	**Content:** Landowner's name, ID, initial UPI, number of standard plots, standard plot codes, landowner's signature, and signatures of relevant authorities.	**Contenu:** Nom du propriétaire foncier, numéro d'identification, UPI initial, nombre de parcelles standard, codes des parcelles standard, signature du propriétaire foncier et signatures des autorités compétentes.
Urupapuro rw'Amakuru rwa gatatu: Ingurane	**Third Data Sheet – Compensation Form**	**Troisième fiche – Formulaire d'indemnisation** Complétée pour les terrains ou bâtiments devant

Ifishi yuzuzwa ku butaka cyangwa inyubako bizahabwa ingurane muri site**;**	Completed for land or buildings that are subject to compensation.	faire l'objet d'une compensation.
Urupapuro rw'Amakuru rwa kane: Kongererwa ubuso ku bibanza bitujuje ibipimo	**Fourth Data Sheet – Substandard Plot Adjustment Form**	**Quatrième fiche – Formulaire d'ajustement des parcelles sous-standard**
Ifishi yuzuzwa ku bibanza bitujuje ibipimo bisabwa muri site hakaba hari ubuso yongerewe azishyura muri site yatunganyijwe hakurikijwe inyigo yakozwe.	Completed for substandard plots requiring the payment for additional land to meet the standards defined in the study.	Complétée pour les parcelles sous-standard nécessitant le paiement d'une superficie supplémentaire afin d'atteindre les normes définies dans l'étude.
Igizwe: Amazina ya ba Nyir'ubutaka, Indangamuntu, UPI y'ibanze, Kode z'ikibanza yahawe ku ikarita y'ibibanza bishya, Ubuso bw'ikibanza gishya ahawe, Ubuso yongerewe bwa site, Ikiguzi kuri metero kare, Ikiguzi k'ubuso bwose yongerewe, nimero ya telefone, Umukono wa ba nyir'ubutaka, n'imikono y'abayobozi bireba.	**Content:** Landowner's name, ID, UPI, allocated plot code on the new land parcel map, size of the newly allocated plot, additional area required, cost per square meter, total cost for the additional area, telephone number, landowner's signature, and signatures of relevant authorities.	**Contenu:** Nom du propriétaire foncier, numéro d'identification, UPI, code de la parcelle attribuée sur la nouvelle carte parcellaire, superficie de la parcelle réattribuée, superficie supplémentaire requise, coût au mètre carré, coût total de la superficie ajoutée, numéro de téléphone, signature du propriétaire foncier et signatures des autorités compétentes.
Urupapuro rw'Amakuru rwa gatanu: Guhabwa icyangombwa gishya	**Fifth Data Sheet – New Land Title Issuance Form**	**Cinquième fiche – Formulaire de délivrance de nouveaux titres fonciers**
Ifishi yuzuzwa n'Umujyi wa Kigali/Akarere igaragaza uko site yatunganyijwe kugira ngo hatangwe ibyangombwa bishya by'ubutaka.	Completed by the City of Kigali or District for the purpose of issuing new land titles after site development.	Complétée par la Ville de Kigali ou le District afin de délivrer les nouveaux titres fonciers après le développement du site.
Igizwe: Amazina ya ba Nyir'ubutaka, Indangamuntu, kode z'ikibanza yahawe, ubuso bw'ikibanza, UPI nshya yahawe y'ikibanza muri Rejitiri y'ubutaka.	**Content:** Landowner's name, ID number, plot code assigned on the new land parcel map, plot area, and the new Unique Parcel Identifier (UPI) assigned to the plot in the land registry.	**Contenu:** Nom du propriétaire foncier, numéro d'identification, code de parcelle attribué sur la nouvelle carte parcellaire, superficie de la parcelle et nouvel Identifiant Unique de Parcelle (UPI) attribué dans le registre foncier.

Ingingo ya 32: Imicungire y'ibibanza bitujuje ibipimo fatizo	**Article 32: Substandard plot area Management**	**Article 32: Gestion parcelle de mesure inférieure à la norme**
Nyuma yo gukuramo umusanzu w'ubutaka no guhanga ibibanza bishya, uwabonye ubutaka butujuje ibipimo ngenderwaho ashobora gusaba ikibanza cyujuje ibipimo amaze kwishyura mu mafaranga agaciro k'igice cy'ubutaka yongereweho.	After the extraction of land contributions and the creation of new plots, any landowner holding a substandard output land area may apply for a standard plot, subject to the payment of the monetary value corresponding to the missing land area.	Après la déduction de la contribution foncière et la création de nouvelles parcelles, tout propriétaire qui recevra une parcelle de superficie inférieure peut solliciter l'attribution d'une parcelle standard, sous réserve du paiement d'une valeur monétaire correspondant à la superficie manquante.
Icyakora, ashobora kugurisha cyangwa kugurana ikibanza cye kituzuye ku mushinga hashingiwe ku gishushanyo cyemejwe cy'ibibanza bishya.	Alternatively, the landowner may sell or exchange their substandard land area to the project in accordance with the approved replotting plan.	Le propriétaire peut également, le cas échéant, vendre ou échanger sa parcelle de superficie inférieure au profit du projet, conformément au plan de réajustement approuvé.
Mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga, komite ya site, na Rwiyemezamirimo, hashingiwe ku nyigo ya site, igena kandi ikemeza igiciro cy'ubutaka bwa site kuri metero kare kizakoreshwa mu igura, igurisha n'igurana ry'ubutaka. Iki giciro cy'ubutaka kivugururwa buri mwaka.	During the project execution period, the Site Committee, in collaboration with the consultant and based on the project study, shall set and approve the unit price per square meter applicable to land within the site. This price shall be established on the basis of the market value for transactions involving the purchase, sale, or exchange of land, and shall be subject to annual revision.	Pendant la période d'exécution du projet, le comité de site, en collaboration avec le consultant et sur la base de l'étude du projet, fixera et approuvera le prix unitaire au mètre carré applicable aux terrains du site. Ce prix sera établi sur la base de la valeur marché pour les transactions d'achat, de vente ou d'échange de terrains, et fera l'objet d'une révision annuelle.
Ingingo ya 33: Umusanzu w'ubutaka bugenewe ibikorwa rusange	**Article 33: Land contribution for infrastructures**	**Article 33: Contribution foncière pour les infrastructures**
Bitewe n'inyigo cyangwa imiterere y'ahantu, ufite ubutaka butatwawe n'ibikorwa remezo nk'imihanda n'ibindi akabihabwa n'umushinga, agomba	Depending on the project study or the characteristics of the area, any landowner whose property is serviced by infrastructure	En fonction de l'étude du projet ou de la nature du site, tout propriétaire foncier bénéficiant d'un raccordement aux infrastructures du projet, telles

kwishyura amafaranga angana n'agaciro k'ubutaka yagombaga gutanga, hashingiwe ku butaka yari asanzwe afite.	such as roads as part of the site development, but who has not surrendered any portion of their land for these infrastructures, shall be required to pay an amount equivalent to the land contribution, calculated on the basis of the original area of their parcel.	que les routes, sans avoir cédé une partie de sa parcelle pour leur réalisation, est tenu de verser une contribution monétaire équivalente à la contribution en terrain, calculée sur la base de la superficie initiale de son terrain.
Ba nyir'ubutaka basanzwe bafite ibikorwa remezo (nk'imihanda) yujuje ibipimo fatizo ntibatanga umusanzu wagenewe ibyo bikorwa remezo.	Landowners whose properties are already served by a particular infrastructure (such as a road) that fully meets the required standards shall not be required to contribute land for that specific infrastructure.	Les propriétaires fonciers dont les propriétés sont déjà desservies par une infrastructure particulière (telle qu'une route) conforme aux normes requises ne sont pas tenus de contribuer en terrain pour cette infrastructure spécifique.
Mu gihe ibipimo fatizo by'umuhanda bituzuye, basabwa gutanga ubutaka buhwanye n'ibipimo bibura.	Where the existing road standards are not fully met, landowners shall be required to contribute land equivalent to the missing measurements.	Lorsque les normes routières ne sont pas entièrement respectées, les propriétaires concernés doivent céder une portion de terrain équivalente aux dimensions manquantes.
<u>Ingingo ya 34:</u> Kugabana ikiguzi cy'ibizagenda ku mushinga w'inozamiturire	**<u>Article 34:</u> Cost sharing of land readjustment project-related expenses**	**<u>Article 34:</u> Partage des coûts des dépenses liées au projet de réaménagement foncier**
Amafaranga yose yakoreshejwe mu gukora inyigo no kuyishyira mu bikorwa atangwa na ba nyir'ubutaka.	All expenses incurred in the study and implementation of the land readjustment project shall be proportionally shared among the initial landowners.	Tous les frais engagés pour l'étude et la mise en œuvre du projet de réajustement foncier sont partagés proportionnellement entre les propriétaires fonciers initiaux.
Isesengura ry'agaciro k'ubutaka rikorwa na rwiyemezamirimo ku bufatanye na komite ya site.	The land value analysis shall be conducted by the consultant in collaboration with the site committee.	L'évaluation de la valeur des terrains est réalisée par le consultant, en collaboration avec le comité de site.

Icyiciro cya 4: Imicungire y'uburenganzira ku butaka no kubwandikisha	**Section 4: Land rights management and registration**	**Section 4: Gestion et enregistrement des droits fonciers**
Ingingo ya 35: Gukusanya ibyangombwa by'ubutaka	**Article 35: Collection of land documents**	**Article 35: Collecte des documents fonciers**
Ibyangombwa by'abafite ubutaka bihabwa komite ya site ikabyohererezа ubuyobozi bw'Umurenge w'aho ubutaka buherereye kugira ngo bihuzwe hakatwe ibibanza bishya no kubyandika muri regisitiri y'ubutaka. Guhuza no kwandikisha ubutaka bwatunganyijwe bishobora gukorwa kuri buri gace bidasabye gukorera site yose icyarimwe.	Input land ownership documents shall be collected by the site committee and submitted to the Sector office for merging, replotting and re-registration purposes. Merging and registration of output plots may be carried out on a block-by-block basis, without the need to process the entire site simultaneously.	Les documents de propriété foncière d'entrée sont collectés par le comité de site et transmis au bureau du Secteur aux fins de consolidation, de réajustement et de réenregistrement dans le registre foncier. La fusion et l'enregistrement des parcelles résultantes peuvent être effectués bloc par bloc, sans qu'il soit nécessaire de traiter l'ensemble du site simultanément.
Ingingo ya 36: Guhuza ibibanza bya site	**Article 36: Merging of input land parcels**	**Article 36: Fusion des parcelles**
Mbere yo guhuza ibibanza biri muri site, ubutaka bwose bwandikwa by'agateganyo muri regisitiri y'ubutaka hagashyirwaho ikitonderwa ko ari ubwa site.	Prior to the merging of input land parcels, all land shall be provisionally registered in the land registry with an annotation of the site name.	Avant la consolidation des parcelles d'entrée, tous les droits fonciers sont provisoirement enregistrés dans le registre foncier avec une annotation portant le nom du site.
Ingingo ya 37: Kwandika ubutaka bwa site muri regisitiri y'ubutaka	**Article 37: Registration of output plots into land registry**	**Article 37: Inscription des parcelles du site au registre foncier**
Ubutaka bwatanzwe bwandikwa muri regisitiri y'ubutaka hashingiye ku mpapuro z'amakuru zivugwa mu ngingo ya 29 y'aya mabwiriza.	Reallocated land shall be registered in land registry based on the data referred to in Article 29 of these instructions:	Les terres réaffectées sont inscrites au registre foncier sur la base des fiches de données mentionnés à l'article 29 de la présente instruction.
Ikibanza kigizwe n'umugabane wa site n'uwa nyir'ubutaka cyandikwa kuri site no kuri nyir'ubutaka.	A plot composed of a share of the site and a share for the landowner shall be registered to both site and land owner.	Une parcelle composée d'une part du site et d'une part du propriétaire foncier doit être enregistrée au nom du site et du propriétaire foncier.

Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bihuza amakuru yarasanzwe muri regisitiri na dosiye isaba, hagashingirwa ku gishushanyo cy'ibibanza bishya hanyuma hagakorwa ibyangombwa by'ubutaka bishya by'abatunze ubutaka bifite inomero z'ubutaka nshya.	The City of Kigali or District will correlate the initial UPI information obtained from the land registry to the application files, with reference to the approved land reallocation plan; and then produce new updated land ownership documents, bearing new UPIs.	La Ville de Kigali ou le District réunit les informations initiales des numéros uniques de parcelles obtenues auprès du registre foncier aux dossiers de demande, en se référant au plan de réaffectation des terres approuvé; puis produit de nouveaux documents de propriété foncière mis à jour, portant de nouveaux numéros uniques de parcelles.
<u>Ingingo ya 38:</u> Kwandikisha ubutaka bwagenewe ibikorwa remezo Ubutaka bwagenewe ibikorwa remezo bwandikwa kuri Leta hakandikwaho icyitonderwa ko ari ubutaka bwa site muri regisitiri y'ubutaka. Icyakora, ubu butaka bwandikwa burundu kuri Leta nyuma yo gushyirwaho ibikorwa remezo byateganijwe mu nyigo yo gutunganya site.	**<u>Article 38:</u> Registration of land reallocated for public facilities** Land reallocated for public facilities shall be registered to the Government with annotation of the site name in land registry. However, such land shall be permanently registered under the Government only after the planned infrastructure, as provided in the site development plan, has been established.	**<u>Article 38:</u> Enregistrement des terrains affectés aux équipements publics** Les terrains affectés aux équipements publics doivent être enregistrés au nom de l'État avec une mention du nom du site dans le registre foncier. Toutefois, ces terrains ne sont définitivement enregistrés au nom de l'État qu'après la mise en place des infrastructures prévues dans l'étude d'aménagement du site
<u>Ingingo ya 39:</u> Kwandikisha ubutaka butanditswe Iyo ikibanza kidafite amakuru muri regisitiri y'ubutaka, iyandikwa rya mbere ry'ubutaka rikorwa mu buryo busanzwe. Amadosiye yatanzwe agomba kuzuza ibyangombwa byose bisabwa kugira ngo yandikwe. Ubusabe bwose bwa serivise z'ubutaka bwatangiye bugomba gukorwa bukarangira	**<u>Article 39:</u> Registration of unregistered land** Where a plot has no existing record in the land registry, the first registration of the land shall be carried out in the ordinary manner. The submitted files must contain all the required supporting documents for the sporadic land registration. All applications for land services that have already been initiated must be completed before	**<u>Article 39:</u> Enregistrement des terres non enregistrées** Lorsqu'une parcelle ne dispose pas d'informations dans le registre foncier, le premier enregistrement foncier est effectué de la manière habituelle. Les dossiers soumis doivent remplir tous tous les documents requis pour l'enregistrement foncier sporadique. Toute demande de service foncier déjà introduite doit être traitée et finalisée avant le démarrage du

mbere yo gutangira umushinga.	the commencement of the project.	projet.
<u>Ingingo ya 40:</u> Imicungire y'ubutaka bufite ishinganisha, itambamira cyangwa ingwate	**<u>Article 40:</u> Management of land with restrictions**	**<u>Article 40:</u> Gestion des terrains avec restrictions**
Iyo ubutaka bwashyizwe muri site busanzwe bwanditsweho ishinganisha cyangwa itambamira, komite ya site ishyikiriza Umubitsi w'Inyandiko mpamo z'ubutaka ushinzwe ifasi ubutaka buherereyemo urutonde rw'ibibanza byose birebwa n'icyo kibazo kugira rivanweho by'agateganyo.	When land included in the site is already registered with a caveat or Surety, the site committee shall submit to the Registrar of Land Titles in charge of the area concerned a list of all parcels affected by such caveat or surety, so that it may be provisionally lifted.	Lorsqu'un terrain inclus dans la site est déjà enregistré avec une opposition ou une saisie conservetoire, le comité de site transmet au Conservateur des titres fonciers compétent pour la zone concernée la liste de toutes les parcelles affectées par cette opposition ou cette saisie, afin qu'elle soit levée à titre provisoire.
Umubitsi w'Inyandikompamo z'ubutaka akuraho by'agateganyo ishinganisha cyangwa itambamira iyo bimaze kwemezwa n'abarishyirishijeho. Mu gihe abarishyirishijeho batemera kurikuraho by'agatenganyo, ubutaka buguma uko buri kugeza igihe impamvu zatumye rishyirwaho zicyemutse.	The Registrar of Land Titles provisionally removes the caveat or surety once it has been approved by the party who registered it. Where the party refuses to grant such provisional removal, the land shall remain under the encumbrance until the reasons for its registration are resolved.	Le Conservateur des titres fonciers procède au retrait provisoire de l'opposition ou de la saisie dès qu'il a obtenu l'accord de la partie qui l'avait demandée. Lorsque la partie refuse d'autoriser ce retrait provisoire, le terrain demeure grevé de l'opposition ou de la saisie jusqu'à ce que les motifs de son inscription aient été résolus.
Mu gihe site imaze gutunganywa, ubutaka bumaze guhabwa numero nshya no kwandikwa muri registiri y'ubutaka, Umubitsi w'Inyandikompamo z'ubutaka asubizaho ishinganisha cyangwa itambamira ashingiye kuri nomero nshya ubutaka bwahawe.	Once the site has been developed, and the land has been assigned new parcel numbers and registered in the land registry, the Registrar of Land Titles reinstates the caveat or surety based on the new parcel numbers allocated.	Une fois le site aménagé, et les terrains dotés de nouveaux numéros de parcelles et enregistrés dans le registre foncier, le Conservateur des titres fonciers réinscrit l'opposition ou la saisie en se basant sur les nouveaux numéros attribués.
Iyo ubutaka bwashyizwe muri site bwanditseho ingwate, umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka ashyikiriza ikigo cy'imari bireba urutonde rw'ubutaka bwanditseho ingwate kugirango ikigo	Where land included in the site is registered with a mortgage, the Registrar of Land Titles shall submit to the concerned financial institution a list of all parcels encumbered by such mortgages, so	Lorsqu'un terrain inclus dans le site est grevé d'une hypothèque, le Conservateur des titres fonciers transmet à l'institution financière concernée la liste des parcelles hypothéquées afin que celle-ci analyse la possibilité de lever

cy'imari gisesengure niba ubwo butaka bukwiriye kuvanwaho ingwate.	that the institution can assess whether the mortgage can be provisionally lifted.	l'hypothèque à titre provisoire.
Gukuraho ingwate ku butaka bwashyizwe muri site bikorwa n'ikigo cy'imari cyandikishije ingwate kuri ubwo butaka.	The deregistration of a mortgage on land included in the site shall be carried out only by the financial institution that registered the mortgage on that land.	La levée d'une hypothèque sur un terrain inclus dans le site est effectuée exclusivement par l'institution financière qui avait inscrit cette hypothèque.
Iyo ubutaka bwari bwanditsweho ingwate bumaze gutunganywaho site, bugahabwa numero nshya bukandikwa no muri regisitiri y'ubutaka, Ikigo cy'imari bireba cyandikisha ingwate kuri numero nshya zavutse.	Once the site development is completed and the land has been assigned new parcel numbers and registered in the land registry, the concerned financial institution shall re-register the mortgage on the newly created parcel numbers.	Une fois l'aménagement du site achevé, et les terrains dotés de nouveaux numéros de parcelles et enregistrés dans le registre foncier, l'institution financière concernée procède à la réinscription de l'hypothèque sur les nouveaux numéros créés.
Icyakora, ubutaka buriho ishinganisha, itambamira cyangwa ingwate ntibibuza kugaragaza aho imihanda n'ibindi biremezo bizanyuzwa muri site kandi bigakatwa muri ubwo butaka.	However, the existence of a caveat, surety, or mortgage on land shall not prevent the demarcation of road networks and other infrastructure to be implemented within the site.	Toutefois, l'existence d'une opposition, d'une saisie ou d'une hypothèque sur un terrain n'empêche pas la délimitation des voies d'accès et des autres infrastructures prévues dans la site, ni leur emprise sur les terrains concernés.
<u>Ingingo ya 41:</u> Kwinjiza ubutaka bwanditse kuri Leta mu mushinga w'inozamiturire	**<u>Article 41:</u> Integration of government registered land parcels into a land readjustment project**	**<u>Article 41:</u> Intégration des parcelles de l'État dans un projet de réajustement foncier**
Mu gihe cyo gusuzuma inyigo mbere yuko yemezwa n'Inama Njyanama, Ikigo gikorana na Minisiteri ifite ubutaka bwa Leta mu nshingano, kugira ngo ubutaka bwa Leta bushyirwe mu Mushinga w'Inozamiturire.	During the review of the project prior to its approval by the District or City Council, the Institution shall consult the Ministry in charge of State land regarding the inclusion of government land in the Land Readjustment Project.	Lors de l'examen du projet, préalablement à son approbation par le Conseil du District ou de la Ville, l'Institution consulte le ministère en charge des terres de l'État en vue de l'inclusion des terrains publics dans le projet de réajustement foncier.
Mu gihe cyo gushyira mu bikorwa umushinga, ubwo butaka bwongera kwandikwa kuri Leta	During the implementation of the project, that land shall be re-registered under the	Au cours de la mise en œuvre du projet, ce terrain est réenregistré au nom de l'État, conformément

hakurikijwe uko byumvikanweho.	Government, in accordance with the agreed terms.	aux modalités convenues.
<u>Ingingo ya 42:</u> Gukemura ibibazo byerekeye nyir'ubutaka mu gihe adahari	**<u>Article 42:</u> Handling land ownership in absentee situations**	**<u>Article 42:</u> Gestion de la propriété foncière en cas d'absence**
Iyo nyir'ubutaka adahari kubera impamvu iyo ari yo yose, ashobora gutanga ububasha bwo kumuhagararira mu nyandiko ikorerwa imbere ya noteri.	Where a landowner is absent for any reason, he or she may delegate a representative through a power of attorney executed before a notary.	Lorsqu'un propriétaire foncier est absent pour une raison quelconque, il ou elle peut désigner un représentant au moyen d'une procuration signée devant notaire.
Iyo mu gihe cyo gutangira umushinga nyir'ubutaka ataraboneka, komite ya site ibimenyesha Akarere bigashyirwa mu nyandiko z'umushinga. Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere byandikisha ubwo butaka kuri nyirabwo hakurikijwe amakuru yarasanzwe muri rejisitiri y'ubutaka.	If, at the time of project commencement, the landowner is still absent, the site committee shall notify the District, and this shall be recorded in the project documentation. The City of Kigali or the District shall register such land in the name of its rightful owner, based on the information already available in the land registry.	Si, au moment du démarrage du projet, le propriétaire foncier demeure absent, le comité de site en informe le District, et cette information est intégrée dans la documentation de l'étude du projet. La Ville de Kigali ou le District procède à l'enregistrement de cette parcelle d'apport au nom du propriétaire foncier, sur la base des informations déjà disponibles dans le registre foncier.

UMUTWE WA 4: GUSHYIRA MU BIKORWA NO GUCUNGA UMUSHINGA W'INOZAMITURIRE	**CHAPTER 4: LAND READJUSTMENT PROJECT IMPLEMENTATION AND MANAGEMENT**	**CHAPITRE 4: MISE EN ŒUVRE ET GESTION DU PROJET DE RÉAJUSTEMENT FONCIER**
Igice cya mbere: Ibyerekeye ibikorwa remezo no Kugena uburyo bwo gutera inkunga ikiguzi cy'umushinga	**Section one: Provision of infrastructure and Source of funding of land readjustment project**	**Section un: Fourniture d'infrastructures et source de financement du projet de réajustement foncier**
Ingingo ya 43: Kwita ku bikorwaremezo rusange Mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga w'inozamiturire, Komite ya site yita ku ishyirwaho ry' ibikorwaremezo rusange hashingiwe kuri raporo y'inyigo y'umushinga yemejwe. Ibikorwa remezo byo muri site by'ingenzi bigomba kwitabwaho birimo ibi bikurikira: (1) Imihanda; (2) Inzira z'amazi na ruhurura; (3) Ibibuga byo gukiniraho, kwidagadura n'ubusitani rusange.	**Article 43: Prioritization of public infrastructure** During the implementation of the land readjustment project, the Site Committee shall prioritize the provision of public infrastructure based on the approved project study report. The key public infrastructure within the site that must be prioritized includes the following: (1) access roads; (2) Stormwater drainage channels and ravines; (3) Recreational and public spaces.	**Article 43: Priorisation des infrastructures publiques** Pendant la mise en œuvre du projet de réajustement foncier, le comité de site doit prioriser les infrastructures publiques en se référant au rapport d'étude du site approuvé. Les infrastructures publiques du site à prioriser comprennent : (1) Les routes d'accès ; (2) Canaux de drainage des eaux pluviales et ravines; (3) Aires de récréation et parcs publics.
Ingingo ya 44: Gutera inkunga ibikorwa remezo by'ibanze Ubutaka buzashyirwaho ibikorwa remezo n'ibikorwa rusange ugenwa n'inyigo y'umushinga.	**Article 44: Co-financing of basic infrastructure** The land required for public infrastructure and public amenities shall be determined in accordance with the approved project study report.	**Article 44: Cofinancement des infrastructures de base** Les terrains nécessaires aux infrastructures publiques et aux équipements publics seront déterminés conformément au rapport d'étude du projet approuvé.

Ingengo y'imari igenda ku bikorwaremezo rusange ituruka muri ba nyir'ubutaka.	The provision of basic public infrastructure within the approved site shall be co-financed by the landowners.	La mise en place des infrastructures publiques de base sur le site approuvé sera cofinancée par les propriétaires fonciers.
Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 43, ba nyir'ubutaka batanga umusanzu w' umushinga wa site mu buryo bukurikira: (1) Gutanga ubutaka bwo gushyiraho ibikorwa remezo rusange by'ibanze nk'uko byagenwe n'inyigo y'umushinga. (2) Gutanga amafaranga yo kwishyura inyigo, gukora ibikorwaremezo, gutera imambo, n'ibindi bikorwa bya site.	Subject to the provisions of Article 43, landowners shall contribute to the financing of basic infrastructure within the site through: (1) Land contribution for the construction of key infrastructures, as determined by the project study report; (2) Financial contribution to cover costs related to the project study, beaconing, road terracing, drainage works, and other project-related expenditures.	Sous réserve des dispositions de l'article 43, les propriétaires fonciers contribueront au financement des infrastructures de base sur le site par : (1) Apport en terrains pour la construction des infrastructures clés, tel que déterminé par le rapport d'étude du projet ; (2) Apport financier pour couvrir les coûts liés à l'étude du projet, au bornage, au terrassement des routes, aux travaux de drainage, ainsi qu'à d'autres dépenses liées au projet.
Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere site ihereyemo, mu bufatanye n'abikorera n'abandi bafatanyabikorwa, bashobora gukora igenamigambi no gushakisha ubushobozi bwo gushyigikira iterambere ry'imiturire, cyane cyane ku bikorwa remezo bitabashije gukorwa n'abaturage mu bushobozi bwabo.	The City of Kigali or the concerned District, in collaboration with the private sector and other partners, may plan and mobilize resources to support settlement development, particularly for public infrastructure that residents cannot provide through their own contributions.	La Ville de Kigali ou le District concerné, en collaboration avec le secteur privé et d'autres partenaires, peut planifier et mobiliser des ressources pour soutenir le développement des lotissements, en particulier pour les infrastructures que les habitants ne peuvent pas financer par leurs propres contributions.
<u>Article 45:</u> Gutanga umusanzu w'amafaranga wo guteza imbere site bikozwe na ba nyir'ubutaka	**<u>Article 45:</u> Site development fee contribution by landowners.**	**<u>Article 45:</u> Contribution des propriétaires fonciers aux frais d'aménagement du site**
Gutanga umusanzu w'amafaranga wo guteza imbere site bikozwe na ba nyir'ubutaka birangwa n'ibi bikurikira:	The Site Development Fee Contribution by Landowners is characterized by the following:	La contribution des propriétaires fonciers à la redevance d'aménagement du site se caractérise par ce qui suit:
(1) Igiciro cy'umushinga kizishyurwa binyuze mu musanzu w'amafaranga utangwa n'abafite	(1) Project costs shall be covered by financial contributions from landowners, who shall pay	(1) Les coûts du projet seront couverts par les contributions financières des propriétaires

ubutaka, aho buri wese azatanga umusanzu w'iterambere rya site ku kibanza cyemejwe hashingiwe ku buso bwacyo; (2) Umubare w'amafaranga agize uwo musanzu ugenwa hashingiwe ku nyigo y'umushinga yemejwe kandi wemeranijweho na banyir'ubutaka; (3) Umusanzu uzakoreshwa gusa mu kwishyura ibikorwa by'umushinga byakozwe muri site, birimo amafaranga ajyanye n'inyigo y'umushinga, ibikorwa remezo bishya byakozwe, n'indishyi ku mitungo yangiritse; (4) Uwo musanzu w'iterambere rya site wishyurwa rimwe gusa kuri buri kibanza, kandi wishyurwa mbere kugirango hatangwe icyangombwa gishya cy'ubutaka no kugira uburenganzira bwo kubona serivisi zijyanye n'ubutaka no gutanga uruhushya rwo kubaka muri site; (5) Ku bibanza byari bisanzwe bifite imihanda ikoze, hakoreshwa umusanzu ugabanyijwe. Uwo musanzu uzabarwa hashingiwe ku giciro cy'ibikorwa remezo byinyongera bikenewe nk'uko byagaragajwe mu nyigo y'umushinga, kandi ntugomba kurenza kimwe cya gatatu (1/3) cy'umusanzu usanzwe w'iterambere kuri buri kibanza.	a site development fee for each reallocated plot based on its size; (2) The amount of the site development fee shall be determined in accordance with the approved project study report and agreed upon by the landowners; (3) The fee shall be used exclusively to cover project financial outflows, including costs related to project study, new infrastructures, and compensation for affected valuable possessions; (4) The site development fee shall be paid once for each reallocated plot and shall be a prerequisite for issuance of a new land title and eligibility to access land and construction permitting related services; (5) For initial plots with access to existing roads, a reduced contribution shall apply. Such contribution shall be calculated based on the cost of additional infrastructures as determined in the project study report and shall not exceed one-third (1/3) of the standard site development fee per plot.	fonciers, qui paieront une redevance d'aménagement pour chaque parcelle réattribuée en fonction de sa taille; (2) Le montant de la redevance d'aménagement sera déterminé conformément au rapport d'étude du projet approuvé et convenu par les propriétaires fonciers; (3) La redevance sera utilisée exclusivement pour couvrir les sorties financières du projet, y compris les coûts liés à l'étude du projet, aux nouvelles infrastructures et à l'indemnisation des biens de valeur affectés; (4) La redevance d'aménagement du site sera payée une seule fois pour chaque parcelle réattribuée et constituera une condition préalable à la délivrance d'un nouveau titre foncier et à l'éligibilité pour accéder aux services fonciers et de permit de construction; (5) Pour les parcelles initiales disposant d'un accès aux routes existantes, une contribution réduite s'applique. Cette contribution sera calculée sur la base du coût des infrastructures supplémentaires tel que déterminé dans le rapport d'étude du projet et ne devra pas dépasser un tiers (1/3) de la redevance standard par parcelle.

<u>Article 46:</u> Itangwa n'Isaranganya ry'Ubutaka n'icungwa ry'ubutaka buto buba bwasigaye Itangwa ry'ubutaka, isaranganya n'imicungire y'ubutaka busigaye bikorwa hakurikijwe raporo y'inyigo y'umushinga yemejwe kandi bigashyirwa mu bikorwa ku buryo bukurikira: (1) Uruhare rw'ubutaka umuntu atanga rugenwa ku buryo rufasha kubona amafaranga ahagije yo kwishyura igiciro cyose cy'umushinga, aho igice cy'ubutaka bwatanzwe kigenerwa imihanda, imiyoboro y'amazi y'imvura, n'ahantu ho kwidagadurira. (2) Igice gisigaye cy'ubutaka, nyuma yo gukuramo ubutaka bwagenewe imihanda n'ibikorwaremezo rusange nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, gisaranganywa banyir' ubutaka; (3) Nyuma yo gusaranganya ibibanza kuri banyir'ubutaka, uduce duto tw'ubutaka twagiye dusigara duhindurwa ubutaka bw'abatuye aho bugenewe ubusitani cyangwa ibindi bikorwa by'inyungu rusange. Ubu butaka bukandikwa kuri Leta ariko hagashyirwaho ko bwaturutse kuri Site muri rejisitiri y'ubutaka.	**<u>Article 46:</u> Land Contribution, Redistribution, and Management of Residual Land** Land contribution, redistribution, and management of residual land shall be conducted in accordance with the approved project study report and implemented as follows: (1) The land contribution shall be determined in such a way that it covers the entire project cost by allocating a portion of the site-contributed land to roads, storm water drainage channels, recreational areas, and open spaces; (2) The remaining portion of land, after deducting the areas allocated to roads and public amenities as provided in Paragraph One of this Article, shall be redistributed to the initial landowners; (3) Upon completion of the redistribution of the output plots to the initial landowners, any residual land shall constitute site community land designated for green space. This land shall be registered in the name of the Government, with the site name duly annotated in the land registry.	**<u>Article 46:</u> La contribution foncière, la redistribution et la gestion des terrains résiduels** La contribution foncière, la redistribution et la gestion des terrains résiduels sont effectuées conformément au rapport d'étude du projet approuvé et mises en œuvre comme suit: (1) La contribution foncière est déterminée de manière à couvrir l'ensemble du coût du projet, en allouant une partie du terrain contribué du site aux routes, aux canaux d'évacuation des eaux pluviales, aux espaces récréatifs et aux espaces ouverts; (2) La portion restante du terrain, après déduction des superficies allouées aux routes et aux équipements publics, telles que prévues au paragraphe premier du présent article, est redistribuée aux propriétaires fonciers initiaux; (3) Après la redistribution des parcelles issues de l'aménagement aux propriétaires fonciers initiaux, tout terrain résiduel constitue un terrain communautaire du site destiné à l'aménagement d'espaces verts. Ce terrain est enregistré au nom du Gouvernement, avec annotation du nom du site dans le registre foncier.

Ingingo ya 47: Ingamba zo gukusanya amafaranga yakoreshejwe mu gutunganya site	**Article 47: Strategy for effective recovery of site development fee.**	**Article 47: Stratégie de recouvrement effectif des frais d'aménagement du site**
Hubahirijwe uburyo buvugwa mu ngingo ya 44 y'aya mabwiriza, komite ya site ishyiraho ingamba zo gukusanya neza amafaranga yo gutunganya site avuye muri ba nyir'ubutaka.	In line with the funding mechanism option referred to in the article 44 of these instructions, the site committee shall develop a strategy for the effective recovery of the development fee from site landowners or interested buyers of output plots.	Conformément à l'option de mécanisme de financement visée à l'article 44 des présentes instructions, le comité de site doit élaborer une stratégie de recouvrement effectif des frais d'aménagement auprès des propriétaires fonciers du site ou des acheteurs intéressés des parcelles du site.
Uyu musanzu uzatera inkunga ibikorwa by'iterambere rya site nk'uko bigaragara muri raporo y'inyigo y'umushinga.	This contribution finances the agreed site development activities as detailed in the project study report.	Cette contribution finance les activités d'aménagement du site convenues telles que détaillées dans le rapport d'étude du projet.
Ingingo ya 48: Uburyo bwo kwishyura raporo y'inyigo y'umushinga	**Article 48: Payment modalities for project study report.**	**Article 48 : Modalités de paiement du rapport d'étude du projet**
Komite ya site yemeranya na sosiyete yatsindiye isoko ku buryo bwo kwishyura nyuma y'uko raporo yemejwe n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali.	The site committee shall agree with the hired consulting firm on payment modalities that ensure the study report is paid for upon its approval by the City of Kigali or District Council.	Le comité de site doit convenir avec le cabinet des consutants engagé des modalités de paiement qui garantissent que le rapport d'étude soit payé dès son approbation par la Ville de Kigali ou le Conseil de District.
Komite ya site kandi ikangurira ba nyir'ubutaka kwishyura ubwishyu bwumvikanyweho bwo gushyira mu bikorwa umushinga.	The site committee will also mobilize landowners to make payments for the agreed deliverables of the project implementation.	Le comité de site mobilise également les propriétaires fonciers pour effectuer les paiements pour les activités convenues pour la mise en œuvre du projet.
Ingingo ya 49: Kugenzura ko amafaranga y'umushinga yishyuwe mbere yo gutanga impushya zo kubaka	**Article 49: Verification of the payment of the land readjustment project costs before issuing construction permits**	**Article 49: Vérification de l'éligibilité au permis de construction**
Mbere yo gutanga uruhushya rwo kubaka, umukozi ubishinzwe agenzura niba ikibanza kitari muri site yemejwe y'umushinga	Before issuing a construction permit, the construction permitting officer must verify that the concerned plot is not located within an	Avant de délivrer un permis de construire, l'agent chargé de la délivrance des permis de construction doit vérifier que la parcelle concernée ne se situe

w'inozamiturire cyangwa aharimo gukorerwa igishushanyombonera cyimbitse icyaricyo cyose. Iyo umukozi utanga impushya zo kubaka asanze ikibanza kiri muri site agenzura ko usaba yashyize muri dosiye isaba inyandiko isinyweho na komite ya site ihamya ko usaba yishyuye uruhare yasabwaga gutanga kugira ngo umushinga w'inozamiturire ushyirwe mu bikorwa. Komite ya site ifite inshingano zo gutanga uruhushya kuri ba nyir'ubutaka bishyuye amafaranga yagenewe ibikorwa remezo, kuko rukenerwa kugira ngo buri kibanza cyose kiri muri site izwi kibashe guhabwa uruhushya rwo kubaka.	approved land readjustment project site. If the plot is within such a site, the construction permitting officer shall ensure that the applicant has attached a clearance form signed by the site committee, indicating that the land readjustment project costs allocated to the concerned plot have already been paid. The site committee is responsible for issuing clearance to landowners who have paid the development fees, which is a requirement for applying for a construction permit for any parcel located within an officially recognized site.	pas dans un site approuvé de réajustement foncier; Si la parcelle se trouve dans un tel site, l'agent chargé de la délivrance des permis de construction doit s'assurer que le demandeur a joint un formulaire d'autorisation signé par le comité de site, indiquant que les coûts du projet de réajustemsnt foncier ont été payés. Le comité de site est responsable de délivrer une attestation aux propriétaires fonciers ayant payé les frais de développement, ce qui est une condition préalable pour demander un permis de construction pour toute parcelle située dans un site officiellement reconnu.
<u>Ingingo ya 50:</u> Kwishyura ikiguzi n'igihe cyateganijwe umushinga w'inozamiturire umara Buri kibanza cyo muri site kigomba kwishyura ikiguzi cy'umushinga nkuko byagenwe muri raporo y'inyigo mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) ibarwa uhereye igihe inyigo y'umushinga w'inozamiturire yemerejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa y'Akarere. Igihe ntarengwa cyo gutangiza no gushyira mu bikorwa umushinga w'inozamuturire ni imyaka itatu (3).	**<u>Article 50:</u> Costs payment and timeframe for land readjustment projects** Each output plot shall pay all due project costs as determined by the study report within a maximum period of two (2) years from the date of the approval of the project study report by the Kigali City Council or the district council. The overall time frame for initiating and implementing a land readjustment project is three years (3). The following indicative timeframe is proposed	**<u>Article 50:</u> Paiement des coûts et délais pour les projets de réajustement foncier** Chaque parcelle du site doit payer tous les coûts du projet dus tels que déterminés par le rapport d'étude dans un délai maximum de deux (2) ans à compter de la date d'approbation du rapport d'étude du projet par le Conseil de la Ville Kigali ou le conseil de district. Le délai de lancement et de mise en œuvre d'un projet de réajustement foncier est de trois ans (3). Le calendrier indicatif suivant est proposé pour

Ibi bikurikira byerekana igihe ntarengwa kuri buri cyiciro cyo gushyira mu bikorwa umushinga w'inozamiturire:	for each step of the land readjustment process:	chaque étape du processus de réaménagement foncier:
Gutangiza umushinga, gukangurira no kuwemeza, kuva ba nyir'ubutaka batanze ubusabe bwabo, ni amezi 2;	The initiation, sensitization, and pre-approval of the project, upon receipt of the initial landowner request, are expected to be completed within 2 months;	Le lancement, la sensibilisation et la pré-approbation du projet, dès réception de la demande initiale du propriétaire foncier, devraient être achevés dans un délai de 2 mois;
Gutegura umushinga w'inozamiturire, gutanga amasoko n'inyigo y'umushinga no kuwemeza ni amezi 10;	Community engagement and mobilization, procurement, project study elaboration, and approval are expected to be completed within 10 months;	L'engagement et la mobilisation de la communauté, l'élaboration de l'étude de projet, la passation des marchés et l'approbation devraient être achevés dans un délai de 10 mois;
Gushyira mu bikorwa umushinga harimo kugaragaza ibikorwa k'ubutaka no gutanga ibyangombwa ni amezi 24.	Project implementation, including the management of land rights and the issuance of land titles, shall be completed within 24 months.	La mise en œuvre du projet, y compris la gestion des droits fonciers et la délivrance des titres fonciers, doit être achevée dans un délai de 24 mois.
<u>Igice cya 2</u>: Ishyirwaho n'imicungire y'ikigega cya site	**<u>Section 2:</u> Establishment and the management of the site fund**	**<u>Section 2:</u> Création et gestion du fonds du site.**
<u>Ingingo ya 51:</u> Ishyirwaho ry'ikigega cya site	**<u>Article 51:</u> Establishment of site fund**	**<u>Article 51:</u> Création du fonds du site**
Muri buri site hashyirwaho ikigega cya site gishyirwamo imisanzu ya ba nyir'ubutaka, amafaranga yavuye mu bibanza byagurishijwe, inkunga cyangwa impano.	A fund shall be established at each site, with income generated from landowners' contributions, proceeds from the sale of reserved land, and other funds or donations.	Un fonds est créé pour chaque site, alimenté par les cotisations des propriétaires fonciers, le produit de la vente des parcelles d'apport, ainsi que par les aides et dons reçus.
Buri site igomba kugira konti ishyirwaho amafaranga avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	Each land readjustment site will maintain a dedicated bank account to securely manage these funds. The account shall be opened in the name of the respective site to ensure transparent and well-organized financial management	Chaque site de réajustement foncier doit disposer d'un compte bancaire dédié destiné à sécuriser les fonds mentionnés au premier alinéa du présent article.
Konti ya banki ifungurwa mu mazina ya site kugira ngo ifashe mu micungire y'imari mu		Un travailleur occasionnel peut se voir confier la gestion des fonds entrants et sortants, ainsi que

mucyo no mu buryo bunoze mu gihe cyose umushinga uzamara. Umukozi w'igihe gito ashobora guhabwa akazi ko gucunga amafaranga y'injira n'asohoka n'akandi kazi gakorwa buri munsi kandi akabitangaho raporo buri cyumweru. **<u>Ingingo ya 52:</u> Abemerewe kubitsa no kubikuza amafaranga kuri konti ya site** Perezida, visi Perezida, umunyamabanga n'umucungamutungo wa Komite ya site nibo bafite ububasha bwo gusinya ko amafaranga abikuzwa kuri iyo konti. Byibuze abantu batatu (3) bafite ububasha bwo gusinya bagomba gusinyira ko amafaranga asohoka. **<u>Ingingo ya 53:</u> Imikorere y'akanama k'igenzura ry'imari ku rwego rwa site** Akanama ngenzuzi k'imari kagenzura buri gihembwe, ndetse n'igihe cyose bibaye ngombwa, imikoreshereze y'umutungo wa site. Kubw'izo nshingano, gafite ububasha bwo kubona inyandiko zose z'imari no guhabwa amakuru ajyanye na konti ya site.	throughout the project's duration. A casual worker may be assigned the task of managing incoming and outgoing funds, along with other daily duties, and is required to submit weekly reports. **<u>Article 52:</u> Bank account signatories and withdrawal protocol** The site committee's President, Vice-President, Secretary, and Treasurer shall serve as authorized signatories for the bank account. Any bank withdrawal shall require a minimum of three signatures from these four designated signatories. **<u>Article 53:</u> Functionning of Financial Audit Committee at site level** The Financial Audit Committee shall conduct audits on a quarterly basis, and as deemed necessary, to review the utilization of the site's financial resources. For this purpose, it shall have full authority to access all relevant financial records and obtain information pertaining to the site's bank account.	d'autres tâches quotidiennes, et doit rendre compte chaque semaine. Ce compte bancaire est ouvert au nom du site afin d'assurer une gestion financière transparente, rigoureuse et organisée pendant toute la durée du projet. **<u>Article 52:</u> Signataires du compte bancaire et protocole de retrait** Le Président, le Vice-Président, le Secrétaire et le Trésorier du comité du site sont désignés comme signataires autorisés du compte bancaire. Tout retrait bancaire doit être approuvé par un minimum de trois signatures parmi ces quatre signataires désignés. **<u>Article 53:</u> Fonctioonnement du comité d'audit financier au niveau du site** Le Comité d'audit financier effectue des audits sur une base trimestrielle et chaque fois que nécessaire afin d'examiner l'utilisation des ressources financières du site. À cet effet, il dispose de l'autorité nécessaire pour accéder à tous les documents financiers pertinents et obtenir toute information relative au compte bancaire du site.

Iyo igenzura rirangiye, akanama gakora raporo igaragaza uko kasanze ibintu bihagaze n'ibyifuzonama, bizashyirwa mu bikorwa na Komite ya site. Raporo y'akanama ngenzuzi ishyikirizwa Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye igihe ubugenzuzi bwarangirijwe. **<u>Ingingo ya 54:</u> Itangwa ry'icyemezo cy'imikorere myiza** Nyuma y'uko umushinga urangiye, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere, uha komite ya site icyemezo cy'imikorere myiza hashingiwe kuri ibi bikurikira: (1) Uko umushinga washyizwe mu bikorwa hakurikijwe inyigo y'umushinga; (2) Uko ibikoresho byakoreshejwe neza; (3) Uko amafaranga yasohotse n'icyo yakoreshejwe. **<u>Ingingo ya 55:</u> Kwemeza iyishyurwa ry'amafaranga atangwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga** Mbere y'uko komite ya site yishyura, itsinda tekiniki ryo ku rwego rw'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire ryemeza ko ibi bikurikira byakozwe neza:	Upon completion of each audit, the Committee shall prepare a comprehensive report detailing its findings and recommendations. These recommendations shall be implemented by the Site Committee. The audit report shall be submitted to the City of Kigali or the respective District within fifteen (15) days following the completion of the audit. **<u>Article 54:</u> Issuance of certificate of good completion** After the project is completed, the City of Kigali or the District issues a certificate of good completion to the site committee based on the following criteria: (1) The project's implementation in accordance with the project plan; (2) Effective and appropriate use of materials; (3) Proper management and utilization of funds. **<u>Article 55:</u> Validation requirements for payment authorization in land readjustment project cots** Before the Site Committee authorizes any payment, the following items must receive mandatory validation from the Physical Planning	À l'issue de chaque audit, le Comité prépare un rapport détaillant ses constats et ses recommandations. Ces recommandations doivent être mises en œuvre par le Comité du site. Le rapport d'audit est transmis à la Ville de Kigali ou au District concerné dans un délai de quinze (15) jours suivant la clôture de l'audit.. **<u>Article 54:</u> Délivrance du certificat de bon achèvement** Après l'achèvement du projet, la Ville de Kigali ou le District délivre un certificat de bon achèvement au comité du site sur base des critères suivants: (1) La mise en œuvre du projet conformément au plan du projet; (2) L'utilisation efficace et appropriée des matériaux; (3) La bonne gestion et l'utilisation des fonds. **<u>Article 55:</u> Exigences de validation pour l'autorisation de paiement des coûts d'un projet de réajustement foncier** Avant que le comité du site n'autorise tout paiement, les éléments suivants doivent obligatoirement être validés par l'équipe technique

(1) Igishushanyombonera cyimbitse cy'imikoreshereze y'ubutaka; (2) Ikarita y'ibibanza bishya; (3) Gushinga imambo cyangwa imbago z'ibibanza bishya; (4) Gutunganya no kubaka imihanda; (5) Ibikoresho byatanzwe kugira ngo umushinga ushyirwe mu ngiro. (6) Amakarita y'ubutaka (fiches cadastrales);	Technical Team of the City of Kigali or the respective District: (1) Land development planning documents; (2) Land reallocation plan; (3) Demarcation (beaconing) of reallocated plots; (4) Road terracing and construction; (5) Supplied materials required for implementing land development planning documents. (6) Deed plans/cadastral maps;	de l'aménagement physique de la Ville de Kigali ou du District concerné : (1) Les documents de planification de l'aménagement foncier ; (2) Le plan de réaffectation des terres ; (3) Le bornage (implantation des bornes) des parcelles réaffectées ; (4) Le terrassement et la construction des routes ; (5) Les matériaux fournis nécessaires à la mise en œuvre des documents de planification de l'aménagement foncier. (6) Les plans cadastraux (plans de propriété) ;
Iyo itsinda tekiniki risanze bitarakozwe neza rigaragaza ibigomba gukosorwa n'uburyo bizakorwa.	If the Physical Planning Technical Team determines that the work has not been properly executed, it shall identify the necessary corrections and specify how they are to be implemented.	Si l'équipe technique de l'aménagement physique constate que les travaux n'ont pas été correctement exécutés, elle identifie les corrections nécessaires ainsi que les modalités de leur mise en œuvre.
<u>Igice cya 3:</u> Imicungire y'umushinga	**<u>Section 3:</u> Project management**	**<u>Section 3:</u> Gestion du projet**
<u>Ingingo ya 56:</u> Kubahiriza inyigo zemejwe	**<u>Article 56:</u> Compliance with approved planning documents**	**<u>Article 56:</u> Respect des rapports de plannification approuvés**
Ibikorwa byose byo kugabanya cyangwa gukata ubutaka bwo muri site bisabwa gukurikiza inyigo zakozwe. Ni mu rwego rwo gukomeza kubungabunga ishyirwa mu bikorwa ryiza ry'umushinga. Iyo hagize igihinduka mu nyigo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga, izo	All land subdivision activities within the site must strictly comply with the approved planning documents. Such compliance is essential to preserving the integrity and coherence of the overall site development. Any modification or adjustment to the plan identified during project implementation shall	Toutes les opérations de lotissement au sein du site doivent strictement se conformer aux documents de planification approuvés. Cette conformité est essentielle pour préserver l'intégrité et la cohérence du développement global du site. Toute modification ou tout ajustement du plan

mpinduka zemezwa n'itsinda tekiniki rishinzwe gukurikirana ibishushanyo by'inozamiturie muri buri Karere cyangwa Umujyi wa Kigali babigiyeho inama na komite za site na rwiyemezamirimo mu gihe kitarenze iminsi 30 nyuma yuko ubusabe butanzwe. Iyo nta gisubizo gitanzwe muri icyo gihe cyagenwe, ubusabe bufatwa nkaho bwemejwe, imirimo igakomeza. **<u>Ingingo ya 57:</u> Gutanga ibyangombwa by'ubutaka** Ibyangombwa by'ubutaka by'ibibanza bishya bitangwa gusa ar'uko nyir'ubutaka agaragaje icyemezo yahawe na komite ya site kigaragaza ko yujuje ibisabwa byose bigendanye n'inyigo y'umushinga w'inozamiturire kandi bemeza ko ibikorwaremezo by'ibanze byamaze gucibwa muri site. **<u>Ingingo ya 58:</u> Kubuza guhindura imiterere y'Ikibanza** Nyir'ubutaka ntiyemerewe guhindura imiterere y'ikibanza cyakaswe nyuma y'uko inyigo yemejwe hagamijwe gukomeza gushyira mu bikorwa umushinga nk'uko wemejwe.	be subject to approval by the Physical Planning Technical Team of the City of Kigali or the respective District. This approval shall be based on a joint assessment conducted with the Site Committee and the Consultant, within thirty (30) days following the submission of the request. If no feedback is provided within this period, the application shall be deemed approved, and implementation of the works may proceed accordingly. **<u>Article 57:</u> Issuance of land ownership documents** Land ownership titles for reallocated output plots shall be issued only after obtaining clearance from the Site Committee, confirming that all project requirements have been duly fulfilled in accordance with the approved project plan and that the basic infrastructure within the site has been completed. **<u>Article 58:</u> Prohibition on altering field settings** No landowner shall be permitted to alter or modify the physical layout of their allocated output land after the approval of the plans, in order to ensure that site development remains consistent with the approved design.	observé au cours de la mise en œuvre du projet doit être approuvé par l'équipe technique de l'aménagement physique de la Ville de Kigali ou du District concerné, sur la base d'une évaluation conjointe avec le comité du site et le consultant, dans un délai de trente (30) jours suivant la soumission de la demande. En l'absence de retour dans ce délai, la demande est réputée approuvée et les travaux peuvent se poursuivre en conséquence. **<u>Article 57:</u> Délivrance des titres de propriété foncière** Les documents de propriété foncière relatifs aux parcelles réaffectées ne seront délivrés qu'après obtention du quitus du comité du site, confirmant que toutes les exigences du projet ont été dûment respectées conformément au plan du projet approuvé et que les infrastructures de base ont été réalisées dans le site. **<u>Article 58:</u> Interdiction de modifier les paramètres du terrain** Aucun propriétaire foncier n'est autorisé à modifier les paramètres du terrain qui lui est attribué après l'approbation du plan de lotissement pour s'assurer que l'aménagement du site reste conforme à la conception approuvée.

Ingingo ya 59: Uburyo bwo gukemura ibibazo Iyo hari nyir'ubutaka utanyuzwe n'icyo inyigo n'ishyirwamubikorwa byagaragaje ku butaka bwe akurikiza izi nzira kugira ngo arenganurwe: (1) Kugeza ikibazo kuri komite ya site ikagikemura aho bibaye ngombwa ifatanya n'ubuyobozi bw'akagari ; (2) Iyo atanyuzwe, ikibazo kigezwa ku buyobozi bw' Umurenge; (3) Iyo atanyuzwe, ikibazo kigezwa ku buyobozi bw'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali. Mu gukemura ikibazo, hifashishwa inama zatanzwe n'itsinda tekiniki rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire; Buri rwego rwavuzwe hejuru rugomba kuba rwakemuye ikibazo mu gihe kitarenze iminsi 30 bikagaragazwa na raporo. Utishimiye uburyo ikibazo kijyanye n'igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rwa site cyakemuwemo mu nzego zavuzwe haruguru, agishyikiriza Ikigo. Amakimbirane ashingiye ku mbibi z'ubutaka no ku iyandika rusange ryabwo, akemurwa hashingiwe ku biteganwa n'iteka rya Minisitiri No 004/MoE/22 ryo kuwa 15/02/2022.	**Article 59: Disputes resolution process** In the event that a landowner is not satisfied with the findings of the project study or its implementation on their land, the following procedure shall be followed to seek redress: **(1)** Submit the complaint to the Site Committee, which shall address it and, where necessary, collaborate with the Cell authorities**;** (2) If unsatisfied, escalate the complaint to the Sector authorities; (3) If the issue remains unresolved, refer the complaint to the District or the City of Kigali**.** In resolving the matter, guidance from the Physical Planning Technical Team shall be sought. Each of the above-mentioned institutions shall resolve the dispute within a maximum of thirty (30) days, and the decision must be documented in a written report. Any person who remains unsatisfied with how a dispute related to site-level land readjustment planning has been handled by the above administrative levels may submit the case to the Authority. Disputes related to land boundaries and systematic land registration shall be resolved in accordance with the provisions of Ministerial Order No. 004/MoE/22 of 15/02/2022	**Article 59: Processus de résolution des litiges** Lorsqu'un propriétaire foncier n'est pas satisfait des résultats de l'étude ou de la mise en œuvre du projet sur sa parcelle, il suit la procédure ci-dessous pour faire valoir ses droits : (1) Soumettre la plainte au Comité du site, qui l'examine et, si nécessaire, collabore avec les autorités de la Cellule; (2) Si le propriétaire n'est pas satisfait, la plainte est transmise aux autorités du Secteur; (3) Si la situation demeure non résolue, la plainte est portée devant les autorités du District ou de la Ville de Kigali**.** Pour résoudre le différend, les autorités concernées s'appuient sur les avis et recommandations de l'équipe technique chargée de la planification physique**.** Chacune des institutions mentionnées ci-dessus doit résoudre le litige dans un délai maximal de trente (30) jours, et la décision doit être consignée dans un rapport écrit. Toute personne insatisfaite de la manière dont un litige lié à la planification du réajustement foncier au niveau du site a été traité par les niveaux administratifs susmentionnés peut soumettre le dossier à l'Autorité. Les litiges relatifs aux limites foncières et à l'enregistrement systématique des terres sont résolus conformément aux dispositions de l'Arrêté

	determining the procedures for land registration and boundary dispute resolution.	Ministériel n° 004/MoE/22 du 15/02/2022 déterminant les procédures d'enregistrement foncier et de règlement des différends liés aux limites des terres.
Ingingo ya 60: Guha akazi umukozi ubizobereye wunganira komite ya site Mu gihe cyo gushyira mu bikorwa umushinga, komite ya site ishobora gutanga akazi ku mukozi ubizobereye wayifasha gukurikirana umunsi ku munsi ibikorwa bya site. Guha akazi uyu mukozi si ihame byaterwa n'uburyo akenewemo ndetse no kuba hari amafaranga yo kumuhemba kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga rirusheho kugenda neza.	**Article 60: Hiring of technical supporting staff** During the implementation of the site development, the site committee may hire a technical staff to oversee daily operations and site management. This decision will be based on the committee's needs and the availability of the project budget, ensuring effective management and execution.	**Article 60: Engagement du personnel d'appui technique** Lors de la mise en œuvre de développement du site, le comité du site peut embaucher du personnel pour superviser les opérations quotidiennes et la gestion du site. Cette décision est basée sur les besoins du comité et la disponibilité du budget du projet, garantissant une gestion et une exécution efficaces.
Icyiciro cya 4: Inshingano n'Imikorere bya Komite ya site **Ingingo ya 61: Ishyirwaho rya komite ya site n'itsinda rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire** Aya mabwiriza ashyiraho komite ya site ku rwego rwa site n'itsinda rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire ku rwego rw'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere. Uruhare n'inshingano z'abandi bafatanyabikorwa zigenwa muri aya mabwiriza	**Section 4: Responsibilities and Functioning of the Site Committee** **Article 61: Establishment of site committee, and Physical planning technical team** These instructions establish a site committee at the site level, and a physical planning technical team at the City of Kigali or District level. The roles and responsibilities of other key stakeholders are also outlined to ensure	**Section 4: Responsabilités et fonctionnement du Comité de site** **Article 61: Mise en place du comité de site et L'équipe technique d'aménagement de site** Ces instructions établissent un comité de site au niveau du site et une équipe technique d'aménagement de site au niveau de la Ville de Kigali ou du District. Les rôles et responsabilités des autres parties prenantes clés sont également décrits pour assurer

kugira ngo habeho imicungire n'ihuzabikorwa by'imishinga y'inozamiturire.	effective management and coordination of land readjustment projects.	une gestion et une coordination efficaces des projets de réajustement foncier.
<u>Ingingo ya 62:</u> Inshingano za Komite ya site	**<u>Article 62:</u> Responsibilities of the site committee**	**<u>Article 62:</u> Responsabilités du comité de site**
Komite ya Site ifite inshingano n'imirimo bikurikira:	**The Site committee shall have the following responsibilities and duties:**	**Le comité de site a les responsabilités et devoirs suivants:**
(1) Gukora ubukangurambaga no gutegura inama z'abaturage zijyanye n'umushinga; (2) Gushaka no gusinyana amasezerano na sosiyete yatsindiye isoko mu izina ry'abafite ubutaka ajyanye n'imitunganyirize ya site n'ishyirwa mu bikorwa ryayo. Aya masezerano ashyirwaho umukono na noteri. (3) Kuyobora ishyirwaho ry'amategeko ngengamikorere ya ba nyir'ubutaka muri site; (4) Gukemura ibibazo bya buri munsi muri site, ibifashijwemo n'Akagari n'Umurenge, no gutanga raporo ku nzego zisumbuyeho; (5) Gukurikirana ko rwiyemezamirimo yuzuza ibisabwa n'ibiteganywa mu gihe yahabwaga isoko; (6) Kwemeza ko rwiyemezamirimo yakurikije ibitekerezo n'inama zitangwa ku mushinga; (7) Gukurikirana ko abaturage bubahiriza ibisabwa mu mushinga wo gutunganya ubutaka; (8) Kwegeranya ibisabwa no gukurikirana ibyangombwa by'ubutaka by'ibibanza bishya byavuye mu mushinga	(1) Mobilize and organize community meetings related to the project; (2) Hire and sign a contract with the consulting firm on behalf of the landowners for services related to site development; this contract must be notarized; (3) Lead the development of internal regulations for site landowners; (4) Handle day-to-day issues within the site in consultation with the Cell and Sector authorities and report to higher administrative levels; (5) Ensure that the contracted firm complies with the requirements outlined in the Terms of Reference (ToR); (6) Ensure that the contracted firm takes into account all technical comments and recommendations provided on the project; (7) Ensure that the community adheres to the site development project requirements;	(1) Mobiliser et organiser les réunions communautaires relatives au projet ; (2) Recruter et signer, au nom des propriétaires fonciers, un contrat avec le cabinet de consultance pour les services liés au développement du site ; ce contrat doit être notarié ; (3) Diriger l'élaboration du règlement intérieur des propriétaires fonciers du site; (4) Gérer les questions quotidiennes au sein du site en concertation avec les autorités de la Cellule et du Secteur, et en rendre compte aux niveaux supérieurs ; (5) Veiller à ce que le cabinet recruté respecte les exigences énoncées dans les Termes de Référence ; (6) S'assurer que le cabinet recruté tienne compte des observations et recommandations techniques formulées sur le projet ; (7) Veiller à ce que la communauté se conforme aux exigences du projet de développement du site ; (8) Rassembler et satisfaire toutes les

w'inozamiturire; (9) Gucunga amafaranga y'umushinga mu buryo bukwiye; (10) Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ryose ry'ibyiciro by'umushinga; (11) Gukumira no gutanga raporo ku nyubako n'ibindi bikorwa bitemewe biri gushyirwa muri site.	(8) Collect and fulfill all necessary requirements for the issuance of new land titles for reallocated plots; (9) Manage the project's financial flows in a transparent and accountable manner; (10) Ensure the successful execution of all project components; (11) Report any suspected cases of illegal or informal construction to the relevant authorities.	conditions nécessaires à la délivrance des nouveaux titres fonciers pour les parcelles réaffectées ; (9) Gérer les flux financiers du projet de manière transparente et responsable ; (10) Garantir la mise en œuvre réussie de l'ensemble des composantes du projet ; (11) Signaler tout cas suspecté de construction illégale ou informelle aux institutions compétentes.
<u>Ingingo ya 63:</u> Amafaranga asabwa kugira ngo site ikore neza Inyigo y'umushinga w'inozamiturire igomba kuba ikubiyemo ingengo y'imari yose yagenewe kugira ngo site ikore neza. Hagati ya 3% na 5% by'amafaranga yakusanyijwe afasha komite ya site mu kubona inzu bakoreramo, kwishyura umukozi wize ibyo gucunga imari ndetse n'agahimbazamushyi k'umukozi wagiye gusura. Agahimbazamusyi kishyurwa kuri buri munsi hashingiwe ku mpapuro zerekana, iminsi yakoze n'ibikorwa byakozwe. Amafaranga yakusanyijwe akoreshwa muburyo bw'ingano y'ibyakozwe, kuburyo atarangira mbere y'igihe ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga rirangirira.	**<u>Article 63:</u> Operating costs of the site** The project study shall include the total budget required to ensure the effective operation and management of the site. Between three percent (3%) and five percent (5%) of the funds collected from the community shall be allocated to cover operational costs, including office rental, payment of the accountant, and support for field visits by Site Committee members. Bonuses shall be paid as per diem allowances based on a timesheet, reflecting the number of days worked and the specific activities performed. The funds collected shall be utilized progressively in proportion to the amount of work completed, ensuring that resources are not exhausted before the completion of project	**<u>Article 63:</u> Frais pour le fonctionnement du site** L'étude du projet doit inclure le budget total nécessaire pour assurer le bon fonctionnement et la gestion efficace du site. Entre trois pour cent (3 %) et cinq pour cent (5 %) des fonds collectés auprès de la communauté seront affectés à la couverture des coûts opérationnels, notamment la location du bureau du site, la rémunération du comptable et le soutien aux visites de terrain des membres du comité du site. Les primes seront versées sous forme de per diem, calculées sur la base d'une fiche de présence reflétant le nombre de jours travaillés et les activités spécifiques réalisées. Les fonds collectés seront utilisés progressivement en fonction de l'avancement des travaux, afin d'éviter leur épuisement avant

	implementation.	la fin de la mise en œuvre du projet.
Artcle 64: Ifatwa ry'Ibyemezo n'inama	**Article 64: Decision-making and meetings**	**Article 64: Prise de décisions et réunions**
Imyanzuro ya komite ya site ifatwa kubwumvikane, iyo ubwumvikane budakunze, habaho amatora aho buri wese mu bagize Komite ya site aba afite ijwi rimwe maze imyanzuro i gafatwa ku bwiganze bw'amajwi;	Site Committee decisions shall be made by consensus whenever possible. However, if consensus cannot be reached, each member shall have one vote, and decisions shall be determined by a majority vote.	Les décisions du Comité du site doivent être prises par consensus dans la mesure du possible. Toutefois, si aucun consensus n'est atteint, chaque membre dispose d'une voix, et les décisions sont adoptées à la majorité des voix.
Kugira ngo inama y a Komite ya site iterane bisaba byibuze bitatu bya kane by'abayigize bahari; Inshuro inama ziterana biterwa n'ubwinshi bw'ibyo gukora;	For any Site Committee meeting to be valid, at least three-quarters (¾) of the total members must be present. The frequency of meetings shall be determined based on the committee's workload.	Pour qu'une réunion du Comité du site soit valable, au moins les trois quarts (¾) des membres doivent être présents. La fréquence des réunions est déterminée en fonction de la charge de travail du comité.
Buri wese mubagize Komite ya Site ufite inyungu bwite mu kibazo runaka ntagira uruhare mu biganiro cyangwa mu itora ryerekeye icyo kibazo.	Any member of the Site Committee who has a personal interest in a matter under discussion shall abstain from participating in the deliberations and from voting on that specific issue.	Tout membre du Comité du site ayant un intérêt personnel dans une question à l'ordre du jour doit s'abstenir de participer aux délibérations et au vote concernant cette question.
Ingingo ya 65: Uburyo bwo gusinya inyandiko	**Article 65: Modalities for signature of documents**	**Article 65: Modalités de signature des documents**
Gusinya ku nyandiko zo kwemera gutanga ubutaka bw'ibikorwaremezo no kwemera ibibanza bishya bikorerwa imbonankubone imbere ya noteri mu by'ubutaka.	Signing documents related to the commitment for land contribution for infrastructure and the acceptance of newly allocated plots shall be done in person, in the presence of the Land Notary.	La signature des documents relatifs à l'engagement de contribution foncière pour les infrastructures et à l'acceptation des nouvelles parcelles attribuées doit être effectuée en personne, en présence du Notaire foncier.

Ingingo ya 66: Ibishingirwaho ngo umuntu abe muri komite ya site Umuntu wemerewe gushyirwa muri komite ya site agomba: (1) Kuba afite ubutaka muri site; (2) Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko; (3) Kuba ari inyangamugayo; (4) Kuba atarigeze ahanishwa igihano cy'igifungo cyabaye ndakuka kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6), kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa; (5) Kuba abarizwa mu Kagari site iherereyemo; (6) Kuba afite amakuru ku butaka buherereye muri site.	**Article 66: Eligibility Criteria to be a member of the site committee** A member of the site committee must: (1) Own land within the site; (2) Be at least twenty-one (21) years of age; (3) Demonstrate integrity and good moral character; (4) Have not been convicted of a crime resulting in a final sentence of imprisonment exceeding six (6) months, and not have benefited from amnesty or rehabilitation; (5) Reside in the Cell where the site is located; (6) Possess sufficient knowledge or information about the land situated within the site.	**Article 66: Critères d'éligibilité pour être un membre du comité de site** Un membre du comité du site doit: (1) Être propriétaire d'un terrain situé dans le site ; (2) Être âgée d'au moins vingt et un (21) ans ; (3) Faire preuve d'intégrité et de bonne moralité ; (4) Ne pas avoir été condamnée à une peine d'emprisonnement définitive supérieure à six (6) mois, ni avoir bénéficié d'une amnistie ou d'une réhabilitation ; (5) Résider dans la Cellule où se trouve le site; (6) Avoir une connaissance ou des informations suffisantes sur les terrains situés dans le site.
Ingingo ya 67: Isimburwa ry'umwe mu bagize Komite ya site Umwe mu bagize Komite ya site asimbuzwa ku mwanya we mu gihe ibi bikurikira bibayeho: (1) Urupfu; (2) Kwegura; (3) Ubusabe bwa ba nyir'ubutaka bakabyemeza ku majwi agera kuri bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama; (4) Icyemezo cy'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali kubera kudatanga umusaruro cyangwa	**Article 67: Replacement of a member of site committee** A Site Committee member shall be replaced in the following circumstances: (1) Death; (2) Resignation; (3) Upon a request from landowners, supported by a two-thirds (⅔) majority vote of the meeting participants; (4) By decision of the District or the City of Kigali due to inefficiency or misconduct, based on the assessment	**Article 67: Remplacement des membres du comité de site** Un membre du Comité du site est remplacé dans les cas suivants: 1. Décès; 2. Démission; 3. À la demande des propriétaires fonciers, appuyée par un vote à la majorité des deux tiers (⅔) des participants à la réunion; 4. Par décision du District ou de la Ville de Kigali pour inefficacité ou mauvaise conduite, sur la base du rapport d'évaluation

imyitwarire mibi hashingiwe kuri raporo y'isesengura ry'itsinda tekiniki ryo ku Karere cg Umujyi wa Kigali rikurikirana inozamiturire; (5) Hari ibyo akurikiranweho n'inzego z'ubutabera mu gihe kirengeje ukwezi kumwe (1). Igihe ugize Komite ya site avuye mu mwanya mbere y'uko umushinga urangira, abagize Komite ngenzuzi ku rwego rwa site, bafatanyije n'itsinda rishinzwe gukurikirana inozamiturire ku rwego rw'umujyi wa Kigali/Akarere, bakora ubugenzuzi kugira ngo harebwe niba nta byangiritse cyangwa igihombo gisizwe n'uwo ugiye. Amatora yo gusimbuza akorwa mu gihe kitarenze iminsi 60 hakurikijwe uburyo busanzwe bwo gutora. **<u>Ingingo ya 68:</u> Manda ya komite ya site n'ihererekanya bubasha** Komite ya Site itorerwa igihe cy'imyaka itatu, gishobora kongerwa inshuro imwe. Iyo hatowe komite nshya habaho ihererekanya na komite icyuye igihe hakorwa ibi bikurikira: (1) Kugaragaraza amafaranga yose yakoreshejwe n'ibikorwa byakozwe; (2) Kugaragaza amafaranga asigaye n'ibikorwa bisigaye gukorwa;	report of the District or City of Kigali Technical Committee; (5) In the event that a legal case is filed against the member before a court and remains pending for a period exceeding one (1) month. If a member of the Site Committee vacates his/her position before the end of the project period, the Site Audit Committee, in collaboration with the City of Kigali/District physical planning technical team, shall conduct an audit to ensure that no financial or administrative obligations remain from the outgoing member. A replacement election shall be organized within 60 days, following the standard election procedures. **<u>Article 68:</u> Mandate and transition procedures for the site committee** The Site Committee shall be elected for a period of three (3) years, renewable once. When a new Site Committee is elected, the following actions shall be undertaken: (1) Presentation and justification of all project expenditures and activities executed; (2) Presentation of the financial balance	du comité technique du District ou de la Ville de Kigali; 5. En cas de poursuites judiciaires engagées contre le membre devant un tribunal et demeurant pendantes pendant une période de plus d'un (1) mois. Si un membre du Comité de Site quitte son poste avant la fin de la période du projet, le Comité d'Audit du Site, en collaboration avec l'équipe technique en charge de l'aménagement du site au niveau de la Ville de Kigali/district, procédera à un audit afin de s'assurer qu'aucune obligation financière ou administrative n'est laissée par le membre sortant. Une élection de remplacement sera organisée dans un délai de 60 jours, conformément au processus électoral standard. **<u>Article 68:</u> Mandat et procédures de transition pour le comité de site** Le Comité du site est élu pour une période de trois (3) ans, renouvelable une seule fois. Lorsqu'un nouveau Comité du site est élu, les actions suivantes doivent être entreprises: (1) Présentation et justification de toutes les dépenses et activités exécutées dans le cadre du projet; (2) Présentation du solde financier et des

(3) Guherekanya ububasha na Komite ya site yatowe imbere y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari. **<u>Icyiciro cya 5:</u> Inshingano z'abandi bafatanyabikorwa** **<u>Ingingo ya 69:</u> Inshingano za sosiyete yatsindiye isoko** Sosiyete yatsindiye isoko ifite inshingano zikurikira: (1) Gutanga serivisi nziza hashingiwe ku byateganijwe mu itangwa ry'isoko; (2) Gukoresha abanyamwuga bemewe n'ingaga babarizwamo; (3) Gutanga amakuru na raporo mu gihe cyateganyijwe kuri komite ya site n'izindi nzego zibishinzwe. **<u>Ingingo ya 70:</u> Uruhare rw'ubuyobozi bw'Akagari** Akagari gafite inshingano zikurikira: (1) Gukangurira abaturage kwitabira ibikorwa by'iterambere rya site guhera mu itangizwa ryayo hagamijwe kongera uruhare rwabo,	and the list of remaining activities; (3) Handover to the newly elected Site Committee in the presence of the Executive Secretary of the Cell. **<u>Section 5:</u> Responsibilities of other stakeholders** **<u>Article 69:</u> The role of the consulting firm** The firm awarded the contract shall have the following responsibilities: (1) To deliver quality services in accordance with the provisions of the Terms of Reference (ToR); (2) To engage qualified professionals accredited by their respective professional bodies; (3) To provide all required information and reports within the stipulated timeframe to the Site Committee and other relevant institutions. **<u>Article 70:</u> Role of the cell administration** The Cell shall have the following responsibilities: (1) Mobilize the community from the initiation phase of the site to enhance their participation, contribution, and compliance with site development requirements;	activités restantes; (3) Passation des responsabilités au nouveau Comité du site, en présence du Secrétaire exécutif de la Cellule. **<u>Section 5:</u> Responsabilités des autres parties prenantes** **<u>Article 69:</u> The role of the consulting firm** Le cabinet ayant obtenu le contrat a les responsabilités suivantes: (1) Fournir des services de qualité conformément aux dispositions des Termes de Référence; (2) Engager des professionnels qualifiés et accrédités par leurs ordres ou associations professionnelles respectifs; (3) Fournir toutes les informations et rapports requis dans les délais impartis au Comité du site et aux autres institutions concernées. **<u>Article 70:</u> Rôle de l'administration de la cellule** La cellule sera responsable des tâches suivantes : (1) Mobiliser la communauté dès la phase d'initiation du site afin de renforcer sa participation, sa contribution et sa conformité aux exigences du développement du site ;

umusanzu batanga, no kubahiriza ibisabwa mu ishyirwa mu bikorwa rya site; (2) Gukurikirana igikorwa cyo gutora abagize komite ya site; (3) Gukurikirana ibikorwa biri kuri site no gutanga raporo ku murenge; (4) Gufasha Komite ya site gusuzuma no gufata umwanzuro ku bujurire bw'abafite ibibazo muri site; (5) Gukora ubugenzuzi ku bufatanye na Komite ya site kugira ngo harebwe niba nta gihombo cyangwa inenge yasigaye, byaryozwa Komite ya site icyuye igihe;	(2) Oversee the election process of Site Committee members; (3) Monitor on-site activities and report progress to the respective Sector; (4) Support the Site Committee in reviewing and resolving appeals or complaints submitted by stakeholders related to site development; (5) Conduct a joint verification, in consultation with the Site Committee, of outgoing committee members to ensure that no financial or administrative deficits remain attributable to them.	(2) Assurer le suivi du processus d'élection des membres du Comité du site ; (3) Suivre les activités menées sur le site et en rendre compte au Secteur concerné ; (4) Appuyer le Comité du site dans l'examen et la résolution des recours ou plaintes formulés par les parties prenantes en rapport avec le développement du site ; (5) Effectuer, en concertation avec le Comité du site, une vérification conjointe des membres sortants afin de s'assurer qu'aucun déficit financier ou administratif ne leur est imputable.
<u>Ingingo ya 71:</u> Uruhare rw'umurenge Umurenge ufite inshingano zikurikira: (1) Guhuza no gukangurira abaturage kubahiriza aya mabwiriza; (2) Gukurikirana ko abaturage bagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga w'inozamiturire; (3) Gukemura ibibazo by'ubutaka ku gihe; (4) Gutanga raporo ku Karere ku bibazo bitarangiye; (5) Gukurikirana ko inyubako zose zubatswe muri site zifite uruhushya rwo kubaka; (6) Gushyira kashe n'umukono ku nyandiko zose z'amakuru ya site.	**<u>Article 71:</u> Role of the Sector** The Sector shall have the following responsibilities: (1) Coordinate and encourage citizens to comply with these regulations; (2) Monitor the participation of landowners in the implementation of the land readjustment project; (3) Ensure the timely management of land-related complaints; (4) Report unresolved complaints to the appropriate higher authorities; (5) Ensure that all buildings constructed within the site possess the required construction permits; (6) Apply the official stamp and signature on the required site land data sheets.	**<u>Article 71:</u> Rôle du Secteur** Le secteur a les responsabilités suivantes : (1) Coordonner et encourager les citoyens à se conformer aux présentes réglementations; (2) Suivre la participation des propriétaires fonciers dans la mise en œuvre du projet de réajustement foncier; (3) Assurer la gestion rapide des plaintes relatives' aux terres; (4) Transmettre les plaintes non résolues aux autorités compétentes; (5) Veiller à ce que tous les bâtiments construits dans le site disposent des permis de construire requis; (6) Apposer le cachet et la signature officiels sur les fiches de données foncières du site.

Ingingo ya 72: Inshingano z'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere	**Article 72: Responsibilities of the City of Kigali or District**	**Article 72: Responsabilités de la Ville de Kigali ou du District**
Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bifite inshingano zikurikira:	The City of Kigali or the respective District shall have the following responsibilities:	La Ville de Kigali ou le District concerné a les responsabilités suivantes:
(1) Gushyiraho itsinda ry'abakozi 5 rishinzwe ibishushanyo by'inozamiturire, hagaragazwa n'umuyobozi waryo. Itsinda rizashyirwaho hibandwa ku bakozi bafite ubumenyi mu igenamigambi ry'imijyi, umukozi ushinzwe ibyo gupima ubutaka, ushinzwe imicungire y'ubutaka, gutanga impushya zo kubaka, ibidukikije, Umukozi ushinzwe ubugenzuzi bw'imari, n'umukozi ushinzwe ubutaka ku rwego rw'Umurenge cyangwa abandi bakozi bose basabwa kugira ngo umushinga ugerweho neza; (2) Gutegura ibishingirwaho mu gutanga isoko ry'umushinga w'inozamiturire; (3) Guhuza ibikorwa by'umushinga hashingiwe ku gishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka, amategeko n'amabwiriza abigenga; (4) Gutanga inkunga y'ubumenyi nk'urwego rushinzwe kugenzura umushinga; (5) Kuvugurura amakuru y'ubutaka muri rejisitiri y'ubutaka mu buryo buhuye n'igishushanyo cy'ibibanza bishya cyemejwe; (6) Kwita no gukemura ibibazo byajuririwe; (7) Gutanga ibyemezo byemeza ko umushinga wakozwe neza ndetse no kwemeza ibikoresho byakoreshejwe ko byujuje	(1) Officially appoint five (5) staff members to compose the Physical Planning Technical Team and designate the Team Leader. The team shall be selected from among staff responsible for urban or physical planning, GIS and land surveying, land administration, construction permitting, environment, financial auditing, and the Sector Land Manager where the site is located, as well as any other staff deemed necessary; (2) Elaborate the Terms of Reference (ToR) for the land readjustment project; (3) Coordinate project activities in line with the Land Development Master Plan, and ensure compliance with relevant laws and regulations; (4) Provide technical support as the project supervising entity; (5) Update land information in accordance with the approved replotting, land subdivision, and land reallocation plans; (6) Address and resolve landowners' appeals arising from the site; (7) Issue certificates of completion for consultancy services and/or validation of supplied materials;	(1) Nommer officiellement cinq (5) agents pour composer l'équipe technique d'aménagement physique et désigner le chef d'équipe. Cette équipe est sélectionnée parmi le personnel chargé de la planification urbaine ou physique, de la topographie et du SIG, de l'administration foncière, de la délivrance des permis de construire, de l'environnement, de l'audit financier, ainsi que le gestionnaire foncier du Secteur où se situe le site, et tout autre agent jugé nécessaire; (2) Élaborer les Termes de Référence du projet de réajustement foncier; (3) Coordonner les activités du projet conformément au Plan directeur d'aménagement foncier et aux lois et règlements en vigueur; (4) Fournir un appui technique en tant qu'entité de supervision du projet; (5) Mettre à jour les informations foncières conformément aux plans approuvés de remembrement, de lotissement et de réaffectation des terres; (6) Traiter et résoudre les recours introduits par les propriétaires fonciers du site ; (7) Délivrer les certificats de bonne exécution des services de consultance et/ou valider les

ibisabwa; (8) Gukora ubugenzuzi bw'imari y'umushinga w'itunganywa rya site buri mwaka; (9) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza; (10) Gufata ingamba za ngombwa zo kugeza ibikorwa remezo n'ibikorwa rusange muri site nk'uko byateganyijwe n'inyigo; (11) Gushyiraho itsinda ry'igenzura y'imari kurwego rw'umugi wa Kigali cyangwa Akarere.	(8) Conduct annual financial audits of the site project; (9) Ensure the effective and successful implementation of these instructions; (10) Take necessary actions to ensure the provision of public facilities and utilities to the designated sites as outlined in the approved plan; (11) Appoint a Financial Audit Team at the City of Kigali or District level for site physical planning projects.	matériaux fournis ; (8) Réaliser un audit financier annuel du projet du site; (9) Assurer la mise en œuvre effective et réussie des présentes instructions; (10) Prendre les mesures nécessaires pour garantir la mise à disposition des infrastructures et services publics sur les sites désignés tels que prévus dans le plan approuvé; (11) Nommer une équipe d'audit financier au niveau de la Ville de Kigali ou du District pour les projets d'aménagement physique du site.
<u>Ingingo ya 73</u>: Imirimo, inshingano n'akazi k'Itsinda ry'Abatekinisiye bashinzwe Igenamigambi n'Inozamiturire Itsinda ry'Abatekinisiye bashinzwe Igenamigambi n'Inozamiturire rifite uruhare rukomeye mu gutegura, guhuza, kugenzura no gushyira mu bikorwa imishinga y'inozamiturire mu Karere no mu Mujyi wa Kigali. Rifite izi nshingano zikurikira: (1) Gutoranya no guhitamo site zihutirwa zo gukorerwaho imishinga y'inozamiturire; (2) Gusuzuma no kwemeza mu buryo bwa tekiniki inyigo z'imishinga y'inozamiturire ku bibanza site no kwemeza impinduka zigaragara mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa;	**<u>Article 73:</u> Roles, responsibilities and functions of the physical planning technical team** The Physical Planning Technical Team plays a central role in the planning, coordination, supervision, and implementation of land readjustment projects within the District and the City of Kigali. It has the following responsibilities: (1) to identify and prioritize sites for land readjustment projects; (2) to review and technically approve site project studies and site plan adjustments based on implementation realities;	**Article 73 : Rôles, responsabilités et fonctions de l'Équipe Technique d'Aménagement Physique du Site** L'Équipe Technique d'Aménagement Physique du Site joue un rôle central dans la planification, la coordination, la supervision et la mise en œuvre des projets de réajustement foncier au sein du District et de la Ville de Kigali. Elle a les responsabilités suivantes: (1) identifier et hiérarchiser les sites à aménager dans le cadre des projets de réajustement foncier; (2) examiner et approuver techniquement les études de développement des sites ainsi que les ajustements des plans de site en fonction des réalités de mise en œuvre;

(3) Gukora isuzuma rya tekiniki n'ikoreshwa ry'imari kugira ngo hamenyekane niba ibikorwa ku bibanza (site) bihuye n'Igishushanyombonera cy'Imikoreshereze y'Ubutaka, amategeko abigenga n'andi mabwiriza ajyanye n'inozamiturire; (4) Guhuza ibikorwa by'inozamiturire no gukorana n'inzego n'abafatanyabikorwa babifite mu nshingano; (5) Gukurikirana no guhugura Komite za site kugira ngo zigire ubumenyi, ubushobozi n' uruhare rwuzuye hubahizwa aya mabwiriza; (6) Gukora igenzura ry'ahakorerwa ibikorwa by'inozamiturire kenshi no gutanga inama z'ubuhanga mu gihe cyo gushyira mu bikorwa umushinga; (7) Gukora igenzura tekiniki buri gihe kugira ngo hamenyekane niba ibikorwa bihuye n'inyigo y'umushinga n'amabwiriza byemejwe; (8) Korohereza ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwaremezo n'ibikorwa rusange muri site; (9) Gutegura no gutanga raporo z'ibyakozwe no kozohereza ku nzego zose bireba; (10) Gushyira ku gihe ibyangombwa by'ubutaka bihuzwa n'imiterere y'ibibanza bishya byakaswe n' uko site yatunganyijwe; (11) Guteza imbere ubucucike bw'abaturage ku buso buto, kubaka inyubako zigeretse zikoreshwa n'imiryango myinshi mu buryo bw'ibyiciro, imiturire ibungabunga ibidukikije, irimo bose kandi ikora neza;	(3) to provide technical and financial assessments to ensure compliance with the approved Land Use Master Plan, zoning regulations, and development standards; (4) to coordinate land readjustment activities and collaborate with relevant institutions and stakeholders; (5) to support and train the site committee to ensure effective participation and compliance with these instructions; (6) to conduct regular supervision visits and provide technical guidance during project implementation; (7) to conduct periodic technical audits to assess compliance with approved plans and development standards; (8) to facilitate the provision of public facilities and utilities within approved sites; (9) to prepare and submit required progress and performance reports at all levels through the Director of District One Stop Centre and Chief Urban Planning; (10) to update land ownership titles in accordance with approved and implemented replotting, subdivision, or reallocation plans; (11) to promote best practices in densification, incremental development, green, inclusive, and efficient land use; (12) to engage landowners and communities in participatory planning and responsive project design; (13) to receive and address complaints and appeals arising from site development	(3) fournir des évaluations techniques et financières afin d'assurer la conformité avec le Plan Directeur d'Aménagement des Terres approuvé, les règlements de zonage et les normes d'aménagement; (4) coordonner les activités de réajustement foncier et collaborer avec les institutions et parties prenantes concernées; (5) appuyer et former le comité du site afin de garantir une participation effective et le respect des présentes instructions; (6) effectuer des visites régulières de supervision et fournir une orientation technique pendant la mise en œuvre du projet; (7) réaliser des audits techniques périodiques pour évaluer la conformité aux plans approuvés et aux normes d'aménagement; (8) faciliter la mise en place des équipements publics et des infrastructures dans les sites approuvés; (9) préparer et soumettre les rapports d'avancement et de performance requis à tous les niveaux, par l'intermédiaire du Directeur du Guichet Unique du District et du Chef du Service d'Urbanisme; (10) mettre à jour les titres fonciers conformément aux plans de réajustement, de lotissement ou de réallocation approuvés et mis en œuvre; (11) promouvoir les meilleures pratiques en matière de densification, de développement progressif, d'aménagement vert, inclusif et efficace;

(12) Gushishikariza ba nyir'ubutaka n'abaturage muri rusange kwitabira gahunda z'inozamiturire mu buryo bufatanyije kandi buboneye; (13) Kwakira no gukemura ibibazo by'ubujurire bikomoka ku bikorwa byo gutunganya site no kubishakira ibisubizo bikwiye hubahirizwa amategeko n'amabwiriza abigenga.	activities and ensure fair and lawful grievance resolution.	(12) impliquer les propriétaires fonciers et les communautés dans une planification participative et un aménagement réactif; (13) recevoir et traiter les plaintes et recours issus des activités d'aménagement des sites et assurer une résolution équitable et conforme à la loi.
<u>Ingingo ya 74:</u> Uruhare rw'Ikigo Gishinzwe Ubutaka	**<u>Article 74:</u> Role of the National Land Authority**	**<u>Article 74:</u> Rôle de l'Autorité Nationale des Terres**
Ikigo gikora ibi bikurikira:	The Authority has the following responsibilities:	L'Autorité a les responsabilités suivantes:
(1) Gukora no gutanga amabwiriza ya tekiniki ayobora imishinga y'inozamiturire rikorwa bigizwemo uruhare na ba nyir'ubutaka; (2) Gutanga ubujyanama bwa tekiniki bugamije kugenzura no kwemeza ireme ry'inyigo z'imishinga y'inozamiturire; (3) Gukora isuzuma n'igenzura ry'ishyirwamu bikorwa ry'imishinga y'inozamiturire kugira ngo hagenzurwe ko yubahiriza ibiteganyijwe mu igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka, amategeko n'amabwiriza abigenga; (4) Gukora no gusakaza inyandiko zikenewe zifashishwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'inozamiturire; (5) Guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi bw'amatsinda y'abatekinisiye ku rwego rw'igihugu, uturere n'Umujyi wa Kigali bafite uruhare mu bikorwa by'inozamiturire;	(1) To develop and issue technical instructions guiding the community-led land readjustment projects; (2) To provide technical advisory support for the quality assurance of land readjustment project study; (3) To conduct monitoring and evaluation of land readjustment projects to ensure compliance with approved plans, regulations, and standards; (4) To develop and disseminate harmonized operational tools to guide the planning and implementation of land readjustment projects; (5) To build the capacity of technical teams at national, district, and City of Kigali levels involved in the land readjustment process;	(1) Élaborer et émettre des instructions techniques guidant les projets de réajustement foncier initiés par les communautés; (2) Fournir un appui-conseil technique pour l'assurance qualité des études des projets de réajustement foncier; (3) Assurer le suivi et l'évaluation des projets de réajustement foncier afin de garantir leur conformité aux plans approuvés, aux réglementations et aux normes en vigueur; (4) Élaborer et diffuser des outils opérationnels harmonisés pour orienter la planification et la mise en œuvre des projets de réajustement foncier; (5) Renforcer les capacités des équipes techniques aux niveaux national, des districts et de la Ville de Kigali impliquées dans le processus de réajustement foncier;

(6) Gukora ubukangurambaga ku bijyanye n'inozamiturire.	(6) To conduct awareness and sensitization campaigns on land readjustment processes targeting communities and stakeholders.	(6) Mener des campagnes de sensibilisation et d'information sur les processus de réajustement foncier à l'intention des communautés et des parties prenantes.
<u>Ingingo ya 75:</u> Inshingano z' Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiturire	**<u>Article 75:</u> Role of Rwanda Housing Authority**	**<u>Article 75:</u> Rôle l'Office Rwandais de l'Habitat**
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiturire gifite inshingazo zikurikira: (1) Gushakisha ubushobozi no guteza imbere ibikorwa remezo no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ryabyo mu mishinga y'imiturire n'iy'inozamiturire; (2) Gutanga inama tekiniki mu itangizwa ry'imishinga y'inozamiturire no gutanga ubufasha bwa tekiniki mu bijyanye no gutunganya ibikorwa remezo muri site; (3) Kugenzura ishyirwa mu bikorwa n'igenzura ry'amahame ya tekiniki ajyanye no gutunganya ibikorwa remezo, imiturire n'ibikorwa by'ubwubatsi muri site, no kwemeza ko byubahiriza amategeko n'amabwiriza abigenga.	Rwanda Housing Authority has the following responsibilities: (1) To mobilize the development of infrastructure and monitor its implementation within human settlement and land readjustment projects; (2) To provide advisory recommendations for the initiation of land readjustment projects and offer technical support on infrastructure site servicing; (3) To oversee the implementation and monitoring of technical standards for infrastructure servicing, housing, and construction within land readjustment sites, ensuring compliance with applicable regulations and standards.	L'Office Rwandais de l'Habitat sera chargé de : (1) Mobiliser le développement des infrastructures et assurer le suivi de leur mise en œuvre dans les projets d'habitat et de réajustement foncier ; (2) Fournir des recommandations techniques pour l'initiation des projets de réajustement foncier et un appui technique en matière de viabilisation des sites; (3) Superviser la mise en œuvre et le suivi des normes techniques relatives à la viabilisation des sites, au logement et à la construction dans les sites de réajustement foncier, en veillant au respect des réglementations et des normes en vigueur.
<u>Ingingo ya 76:</u> Inshingano z'abandi Bafatanyabikorwa	**<u>Article 76:</u> Role of other stakeholders**	**<u>Article 76:</u> Rôle des autres parties prenantes**
Abafatanyabikorwa b'ingeri izo arizo zose bafite inshingano zikurikira: **(1)** Gutanga Ubuvugizi mu rwego rwa politiki; **(2)** Gushakisha ubushobozi bwo gushyigikira	Stakeholders of any kind shall have the following responsibilities: (1) Engage in policy advocacy to promote land readjustment initiatives; (2) Mobilize resources to support land	Les parties prenantes, quelle que soit leur nature, ont les responsabilités suivantes: (1) Mener un plaidoyer politique en faveur des initiatives de réajustement foncier; (2) Mobiliser des ressources pour soutenir la

ibikorwa bigendanye n'inozamiturire; **(3)** Gutanga ubufasha bwa tekiniki ku mishanga y'inozamiturire; **(4)** Gufasha mu bushobozi bw'imari (imiryango itari iya leta, amabanki, n'ibindi); **(5)** Gukurikirana ko gahunda zo gushyiraho, kwimurira, no kuvugurura ibikorwaremezo (amazi, amashanyarazi, iminara y'itumanaho, na internet,) bikorwa ku gihe kandi bijyanye n'inyigo yemejwe; **(6)** Kubahiriza inyigo yemejwe mu gihe cyo gukwirakwiza serivisi z'ibikorwaremezo, ku bufatanye n'itsinda rikora umushinga kugira ngo servisi zidahagarara; **(7)** Gukora ubukangurambaga; **(8)** Gutegura no gushyira mu bikorwa uburyo bushya kandi buhendutse bwo gutera inkunga imishinga y'inozamiturire; **(9)** Gutanga ubujyanama mu by'imari kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga rikorwe neza kandi hubahirizwe amategeko.	readjustment projects; (3) Provide technical support as required to land readjustment projects; (4) Offer financial support (including contributions from NGOs, banks, and other partners); (5) Ensure timely planning and implementation of utility relocation, upgrades, or new installations (water, electricity, sewage, telecommunications, internet) in accordance with the approved study; (6) Adhere strictly to approved physical plans when distributing utilities, and coordinate with project teams to minimize service disruptions; (7) Conduct awareness and sensitization campaigns to promote public understanding and participation; (8) Develop and implement innovative and affordable financing mechanisms to support land readjustment projects; (9) Provide financial expertise and advisory services to ensure efficient, transparent, and compliant project execution.	mise en œuvre des projets; (3) Fournir l'appui technique nécessaire; (4) Apporter un soutien financier (y compris les contributions des ONG, banques et autres partenaires); (5) Assurer la planification et la mise en œuvre en temps opportun du déplacement, de la modernisation ou de la mise en place des infrastructures de base (eau, électricité, assainissement, télécommunications, internet) conformément à l'étude approuvée; (6) Se conformer strictement aux plans physiques approuvés lors de la distribution des services publics, tout en coordonnant avec les équipes du projet afin de minimiser les interruptions de service; (7) Mener des campagnes de sensibilisation et d'information pour promouvoir la compréhension et la participation du public; (8) Développer et mettre en œuvre des mécanismes de financement innovants et abordables pour soutenir les projets de réajustement foncier; (9) Fournir une expertise financière et des services de conseil pour garantir une exécution efficace, transparente et conforme des projets.
<u>Ingingo ya 77:</u> Inshingano za ba nyir'ubutaka Ba nyir'ubutaka bafite inshingano zikurikira:	**<u>Article 77:</u> Responsibilities of Landowners** Landowners shall have the following responsibilities:	**<u>Article 77:</u> Responsabilités des propriétaires fonciers** Les propriétaires fonciers ont les responsabilités suivantes:

(1) Gutanga ubutaka bunyuzwaho imihanda, imiyoboro y'amazi, amashanyarazi, inzira z'amazi, ahantu ho kwidagaduriran'ibindi bikorwa remezo biteza imbere site; (2) Guhanga imihanda n'inzira z'amazi, n'ahantu ho kwidagadurira, gutera ibiti ku mihanda no mu ngo no kubungabunga ibikorwa remezo byo muri site, binyuze mu muganda, cyangwa se mu muganda w'ibyiciro byihariye (itorero, urubyiruko, amashyirahamwe y'abagore); (3) Kugaragaza no kubahiriza imbibi/imbago za site.	(1) Provide land contributions for the development of access roads, water pipelines, electricity networks, drainage systems, and other infrastructure necessary for the site's development; (2) Participate in tracing access roads and waterways, recreational space, planting trees along roads and in the households, and maintaining site infrastructure through community-led land readjustment projects, community works, the Vision Umurenge Program (VUP), or other organized community initiatives (e.g., *Itorero*, youth organizations, women's associations, etc.); (3) Delineate and enforce the established site boundaries.	(1) Apporter des contributions foncières pour le développement des routes d'accès, des conduites d'eau, des réseaux électriques, des canaux d'évacuation, et autres infrastructures nécessaires au développement du site; (2) Participer au traçage des routes et des voies d'eau, à la plantation d'arbres le long des routes et à l'entretien des infrastructures du site à travers les travaux communautaires, le Programme Vision Umurenge (VUP) ou d'autres initiatives communautaires organisées (par exemple *Itorero*, associations de jeunes, associations de femmes, etc.); (3) Délimiter et faire respecter les limites établies du site.

UMUTWE WA 5: INGINGO ZINYURANYE	CHAPTER 5: MISCELLANEOUS PROVISIONS	CHAPITRE 5: DISPOSITIONS DIVERSES
Ingingo ya 78: Guhagarika ibikorwa byo gutunganya imijyi	**Article 78: Suspension of Urban Development Operations**	**Article 78: Suspension des opérations d'aménagement urbain**
Mu cyiciro cy'igenamigambi, ibikorwa byose byo gutunganya umujyi no gutanga ibyangombwa bishya byo kubaka birahagarikwa kugeza igihe byibura imihanda imaze gucibwa muri site;	During the planning phase, all other urban development operations and new building permits issuance shall be put on-hold until the access roads are serviced in the site.	Pendant la phase de planification, toutes les autres opérations de développement urbain ainsi que la délivrance de nouveaux permis de construire seront suspendues jusqu'à ce que les routes d'accès du site soient aménagées.
Ingingo ya 79: Ibibujijwe mu igabanya ry'ubutaka	**Article 79: Restrictions on land subdivision**	**Article 79: Restrictions relatives à la subdivision des terres**
Igabanwa ry'ubutaka hacibwamo imihanda ridakurikije aya mabwiriza rirabujijwe;	Any land subdivision proposing new roads that does not comply with these regulations is prohibited	Toute subdivision de terrain proposant de nouvelles routes qui ne respecte pas ces règlements est interdit.
Icyakora Ikibanza kimwe cyangwa bibiri bikeneye umuhanda umwe bishobora gukorwa mu buryo busanzwe bw'ikatwa ry'ibibanza bimaze gusuzumwa by'umwihariko.	However, one or two plots requiring one access road may be carried out through the regular subdivision process after a specific assessment.	Cependant, une ou deux parcelles nécessitant une route peuvent être réalisées par le processus ordinaire de lotissement après une évaluation spécifique.
Ikigo kizashyiraho ifishi yabugenewe izajya yemezwa n'uwize gufata ibipimo by'ubutaka hamwe n'uwize igenamigambi ry'Imijyi.	Authority will put up a form which will be approved by a land surveyor and an urban planner certified by their respective professional bodies.	L'Autorité mettra en place un formulaire qui sera approuvé par un géomètre-expert et un urbaniste certifié par leurs organismes professionnels respectifs.

<u>Ingingo ya 80:</u> Kurinda ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba	**<u>Article 80:</u> Protection of agriculture, Livestock, and Forest land**	**<u>Article 80:</u> Protection des terres agricoles, d'élevage et forestières**
Mu kurinda ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba, ibi bikurikira birabujijwe: (1) Gukoresha ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba icyo butagenewe gukoreshwa nk'uko bigenwa n'igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka; (2) Gucamo ibice ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba hagenwa imihanda mishya, biganisha kuhahindura aho gutura. Abashinzwe gufata ibipimo by'ubutaka, abashinzwe gukora igenamigambi ry'imitunganyirize y'imijyi n'ibyaro, abashinzwe gukora imbata z'inyubako no gusaba impushya zo kubaka, n'abashinzwe kubaka babujijwe gufasha ba nyiri ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba, mu gihe babasabye serivisi zivugwa mu gika cya mbere n' icya kabiri cy'iyi ngingo.	To protect land designated for agricultural, livestock, and forestry purposes, the following actions are strictly prohibited: (1) Using land planned for agriculture, livestock, or forestry for purposes other than those defined in the approved Land Use Master Plan; (2) Subdividing land designated for agriculture, livestock, or forestry by creating new roads that facilitate its transformation into residential areas. Land surveyors, urban and rural planning professionals, building design and construction permit officers, as well as construction professionals, are strictly prohibited from assisting landowners of such land when they request services related to the actions mentioned in paragraphs (1) and (2) of this Article.	Afin de protéger les terres destinées à l'agriculture, à l'élevage et aux forêts, les actions suivantes sont strictement interdites: (1) Utiliser les terres destinées à l'agriculture, à l'élevage et aux forêts à des fins autres que celles prévues par le Schéma Directeur d'Aménagement du Territoire; (2) Subdiviser les terres destinées à l'agriculture, à l'élevage et aux forêts en y traçant de nouvelles routes entraînant leur transformation en zones résidentielles. Les géomètres, les professionnels de la planification urbaine et rurale, les agents chargés de la conception des bâtiments et de la délivrance des permis de construire, ainsi que les professionnels du secteur de la construction, ne sont pas autorisés à assister les propriétaires de terres destinées à l'agriculture, à l'élevage et aux forêts lorsqu'ils sollicitent des services liés aux actions mentionnées aux premier et deuxième paragraphes du présent article.

<u>Ingingo ya 81:</u> Ibiciro by'umushinga wo gushyira mu bikorwa ibishushanyo byimbitse mboneza miturire	**<u>Article 81</u>: Costs of the project for implementation of Land readjustment project**	**<u>Article 81:</u> Coûts du projet de mis en œuvre d'un projet de réajustement foncier**
Aya mabwiriza agennye ko, hashingiwe ku byagarajwe n'inyigo y'umushinga, nyir'ubutaka azajya atanga amafaranga y'u Rwanda yo gutunganya site ari hagati ya 200,000 na 450,000, mu gihe habariwemo inyigo, imihanda, gutera imbago n'inzira z'amazi (ruhurura). Bitewe n'imiterere y'ahantu; mu gihe aya mafaranga yarenga ayagenwe, komite ya site ibisabira uburenganzira Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali. Ibindi bikenewe mu mushinga bitavuzwe muri iyi ngingo kandi biteganwa n'inyandiko y'ibizakorwa muri iryo soko byumvikanwaho na Rwiyemezamirimo na Komite ya site.	These guidelines stipulate that, based on the project study findings, each landowner shall contribute an amount ranging between two hundred thousand (200,000) and four hundred fifty thousand (450,000) Rwandan francs as a site development fee. This contribution shall cover expenses related to the study, road construction, demarcation, and drainage systems (ruhurura). Depending on the specific characteristics of the area, if the total cost exceeds the prescribed amount, the Site Committee must obtain prior approval from the District or the City of Kigali. Other project-related activities not mentioned in this article but provided for in the Terms of Reference shall be agreed upon between the contractor and the Site Committee.	Les présentes directives prévoient que, sur la base des résultats de l'étude du projet, chaque propriétaire foncier contribue à hauteur d'un montant compris entre deux cent mille (200 000) et quatre cent cinquante mille (450 000) francs rwandais au titre des frais de développement du site. Cette contribution couvre les coûts liés à l'étude, à la construction des routes, au bornage et aux systèmes de drainage (ruhurura). Selon les caractéristiques spécifiques de la zone, si le coût total dépasse le montant fixé, le Comité du site doit obtenir l'approbation préalable du District ou de la Ville de Kigali. Les autres activités liées au projet, non mentionnées dans le présent article mais prévues dans les Termes de Référence, doivent faire l'objet d'un accord entre le contractant et le Comité du site.

UMUTWE WA 6: AMAKOSA N'IBIHANO	**CHAPTER 6: FAULTS AND SANCTIONS**	**CHAPITRE 6: FAUTE ET SANCTIONS**
Ingingo ya 82: Kubazwa inshingano kw'abakozi bagira uruhare mu mishinga y'inozamiturire	**Article 82: Accountability of actors involved in land readjustment project**	**Article 82: Responsabilité des acteurs impliqués dans un projet de réajustement foncier**
Umukozi wese n'urugaga badakurikiza inyandiko zemewe mu gihe akora igikorwa cyangwa atanga serivisi azabiryozwa hakurikijwe ibi bikurikira: (1) Ibihano biteganyijwe mu itegeko rigenga ubutaka n'amabwiriza agenga gukora umwuga akora; (2) Amategeko n'amabwiriza agenga imyitwarire ku kazi. Umuntu ku giti cye ushyize ibikorwa ku butaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba atarabiherewe uruhushya abikuraho, atabikora bigakurwaho n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ariko akishyura ikiguzi cyo kubikuraho, Ibi ntibibujije ko hashobora no gutangwa n'ibindi bihano hakurikijwe amategeko abigenga.	Any staff member or consulting firm shall bear personal liability for any act of professional misconduct or violation of these instructions committed in the course of performing an activity or delivering a service, in accordance with the following provisions: (1) Sanctions provided by the law governing land, and by the regulations of their respective professional body; (2) Rules and regulations governing administrative sanctions. Any person who, on their own initiative, undertakes illegal activities on land designated for agriculture, livestock, or forestry shall be required to remove such activities. In case of non-compliance, local government authorities shall carry out the removal, and the person concerned shall bear the associated costs. This does not exclude the possibility of other penalties being imposed in accordance with the applicable laws.	Tout agent ou cabinet de consultance est personnellement responsable de tout acte de faute professionnelle ou de violation des présentes instructions commis dans l'exercice de ses fonctions ou lors de la prestation d'un service, conformément aux dispositions suivantes: (1) Les sanctions prévues par la loi portant régime foncier les terres et par les règlements de leur ordre professionnel respectif; (2) Les règles et règlements régissant les sanctions administratives. Toute personne qui, de sa propre initiative, entreprend des activités illégales sur des terres destinées à l'agriculture, à l'élevage ou à la foresterie est tenue de les supprimer. En cas de non-exécution, les autorités administratives locales procéderont à la suppression aux frais de la personne concernée. Cette disposition n'exclut pas l'application d'autres sanctions prévues par les lois en vigueur.

Ingingo ya 83: Kubazwa inshingano kuri sosiyete zatsindiye isoko Mu gihe sosiyete yatsindiye isoko itandukiriye ku nyandiko zemejwe mu igenamigambi, iryozwa igihombo cy'amafaranga cyaturutse ku kutubahiriza ibyagenwe. Bazahanwa kandi n'urugaga babarizwamo	**Article 83: Accountability of consulting firms** In the event that a consultant deviates from the approved planning documents, they will be held liable for any financial loss resulting from that deviation. She/He will also be subject to sanctions by the professional bodies.	**Article 83: Responsabilité des sociétés de consultance.** En cas d'écart par rapport aux documents d'urbanisme approuvés, un consultant est tenu responsable de toute perte financière résultant de cet écart. Elle/Il sera également soumis(e) à des sanctions de la part des organismes professionnels.
Ingingo ya 84: Gukurikiza amategeko n'amabwiriza asanzwe Ibibazo cyangwa ibindi bidakemuwe neza n'aya mabwiriza bikemurwa hifashishijwe amategeko n'amabwiriza abigenga.	**Article 84: Reference to relevant laws and regulations** Any issues or concerns not explicitly addressed by these instructions shall be resolved by referring to the relevant laws and regulations	**Article 84: Référence aux lois et réglementations pertinentes** Tout problème ou préoccupation non explicitement abordé par les présentes instructions doit être résolu en se référant aux lois et réglementations applicables.
Ingingo ya 85: Amabwiriza asanzwe akurikizwa Aya mabwiriza areba imishinga mishya y'igenamigambi igamije imikoreshereze y'ubutaka nyuma y'itangazwa ry'aya mabwiriza. Ahagarika inzira zose, intambwe, n'uburyo bwose bishobora kubangamira cyangwa guteza imbogamizi ku ikorwa n'ishyirwa mu bikorwa ku gihe by'imishinga y'inozamiturire. Mu gihe hari ubundi buryo bushobora gukemura ibibazo bijyanye n'ikorwa n' ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bigomba kubisaba Ikigo.	**Article 85: Guidelines in force** These instructions apply to all physical planning projects initiated after their publication. They suspend any procedures, steps, or methods that may hinder or create obstacles to the timely development and implementation of physical planning projects, If an alternative approach can resolve issues related to the development and implementation of these projects, the City of Kigali and the District must reach an agreement with the Authority through an official application.	**Article 85: Directives en vigueur** Ces instructions s'appliquent à tous les projets de planification physique initiés après leur publication. Elles suspendent toute procédure, étape ou méthode qui pourrait entraver ou créer des obstacles au développement et à la mise en œuvre en temps opportun des projets de plannification physique. Si une approche alternative peut résoudre les problèmes liés au développement et à la mise en œuvre de ces projets, la Ville de Kigali et le District doivent parvenir à un accord avec l'Autorité par le biais d'une demande officielle.

Icyakora ku bijyanye n'imishinga y'igenamigambi no gutunganya site yatangiye gushyirwa mu bikorwa mbere y'itangazwa ry'aya mabwiriza, aho bikenewe, izakomeza gukurikiza *Amabwiriza agenga gukora ibishushanyo by'inozamiyurire bigizwemo uruhare na ba nyir'ubutaka, yo kuwa 13 Ukwakira 2021.*	However, physical planning and site servicing projects initiated prior to the publication of these Instructions shall, where applicable, continue to be governed by the provisions of the *Practical Guide for Conducting Participatory Land Readjustment in Rwanda, First Edition, October 13, 2021.*	Cependant, les projets de planification physique initiés avant la publication des présentes Instructions demeurent, le cas échéant, régis par les dispositions du *Guide pratique pour la mise en œuvre de l'aménagement foncier participatif au Rwanda, Première édition, 13 octobre 2021.*

Done at Kigali, 13/10/2025

NATIONAL LAND AUTHORITY

Digitally signed by NLA(Director General)

SÉ
NISHIMWE Marie Grace

Umuyobozi Mukuru / Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka
Director General / Chief Registrar of land titles
Directrice Générale / Conservateur en chef des titres fonciers